

Kristu Aragarutse – Arivugira ukuri kwe

Ibaruwa ya VI

Aya Mabarua arerekana ubumenyi abantu bifuje kugeraho uko ibinyejana byagiye bihita, ariko ntibabashe kubwakira, kuko ubumenyi bwabo nya-siyansi bwo ku isi butari buhagije, kugira ngo bubashoboze gusobanukirwa. Uko ni ko byari bimeze igihe nari muri Palestina, nzwi ku izina rya 'Yezu', nasobanuye inshuro nyinshi, mu buryo bunyuranye, **UKURI KW'IMIBEREHO MPUZAHOSE, ariko nta n'umwe wumvise. Brw6/01**

Nk'uko benshi muri mwe bagomba kuba babizi, NTABWO nazanywe muri iki gihe no kubagezaho idini rishya, amabwiriza yisumbuye y'imbenezamuco, cyangwa indi "Mana" yo kuramya. Nta n'ubwo nigisha 'imitekerereze ihanga'¹ nk' 'abacurabwenge'² banyu. 'Imitekerereze ihanga' yanyu, yahimbwe kimuntu, ibakogotera ibyo mukeneye n'ibyo mwifuzaga, hamwe n'uburyo bwo kugera ku byo mugambiriye, nta kindi ikora usibye gushimangira irari-rya-jye-babona³ ryanyu. Brw6/02.

Ibintu byose byuzuye imigisha n'ubuntu, bizagaragazwa muri mwe no mu buzima bwanyu, uko n'igihe muzasobanukirwa ko: impuzahose uko yakabaye ari **IBONUNUMVA MPUZAHOSE** ndengakamere, rishyirwa ahagaragara iyo ryifurebye iforoma ifatika, binyuze mu bukozi bwa jye-babona. Brw6/03

Intego yanyu y'ukuri mu rugendo nya-roho⁴ rwanyu, ni ukwibohora ku ngoyi ya jye-babona, no kugirana n' **IBONUNUMVA NYA-MANA** umushyikirano ugenda urushaho **kuzira igitotsi. Amaherezo yanyu ni ukwemera ukubahose KWARYO, haba imbere muri mwe, cyangwa mu bikorwa byanyu bya buri muni.** Brw6/04

Intego nya-roho yanyu isumba izindi, ni ukugera kuri icyo gihe cy'isabagizwa nya-roho, aho kera kabaye mumenya ko gatekerezi yanyu nya-muntu n'ibyifuzo byayo ari nyambibi⁵ gusa – ko rero idashobora na rimwe kubazanira umunezero n'ubwuzurizwe⁶ muzageraho, igihe muzafasha hasi ubwikunde bwanyu, mugasanga IBONUNUMVA NYA-MANA, musaba GUSA Inzira Yisumbuye, Ubuzima burushijeho kugwira,

¹ Positive thinking (*): Akanyenyeri kavuga ko ushobora kujya kureba igisobanuro mu rutonde ruri ku mpera z'inyandiko.

² Metaphysicians (*)

³ Ego-drive (*)

⁴ Spiritual journey (*)

⁵ Finite (*)

⁶ Fulfilment (*)

n’UMUHIGO nya-roho nyakuri, mwebwe mwenyine mushobora kwesa, mu mimerere yanyu yo ku isi. Brw6/05

Ariko, kugira ngo mbafashe kugera kuri iyo ntera ihanitse yo kuba uwo uri we, ngiye kubasobanurira kurushaho, inkomoko n’umurimo bya JYE-BABONA. Brw6/06

Iyo nitegereje isi yanyu, mbona urwego ruyobowe ubungubu n’INGUFU za JYE-BABONA. Brw6/07

Ikintu cyose kibi, MURI SOSIYETE YANYU YA NONE ITERA INYUMA, mu migi minini yanyu mburamutima⁷, gituruka ku MBARAGA za JYE-BABONA. Ni yo soko y’ubukozi bubi, bubeshya, bwandavuza, bugaragara muri iki gihe ku isi yanyu. Ni yo iyobora ibitangamakuru, televiziyo zanyu, imiryango yanyu n’ibihugu. Yera intambara ku bwisanzure bw’isi yanyu. Irema umwuka unuka w’ingufu z’ibonunumva ryo hasi, zishobora kumvwa n’Ibiremwa Nya-roho Byisumbuye – ariko zatera ishozi rikabije uwazireba. Brw6/08

Niba ibonunumva ryanyu rya none ryiganjemo gukunda ibintu no kutabasha gusangira n’abandi, gushakisha uburyo n’inzira zo gukira mukandamiza abandi, kwiba, kunanirwa gukorana umurava umurimo wanyu cyangwa kwishyura ibyiza bihwaye n’amafaranga, kuvunda, kwerekana imikaka, gushimishwa no kujora, gusesereza, guca imanza, kunena, gusebya, kurema abanzi, kutihanganirana, urwango, ishyari, guhohotera, kugira amahane, ubusambo, ibinyoma, amahugu no kunyanganya, gutera urubwa – muyobowe na jye-babona. Brw6/09

Babona yanyu ni yo ibatwaye, kandi bizabagora kwambukiranya ubwandu bw’ibonunumva rya jye-babona, ngo mushobore kubona *Ikirukur*⁸. Brw6/10

Kubera iyo mpamvu, naje nyuze muri aya Mabarwa ngo mbafashe kwumva neza ikibabohera mu mimerere yanyu ya none, y’amahano atarashoboraga kwishushanywa na getekerezi nya-muntu hashize ikinyejana. Brw6/11

Nguye gusobanura birushijeho kwimbika

JYE-BABONA. Brw6/12

IGIHE CY’ISAMWA RYAWA, mu mubonano mpuzabitsina, uko ibonunumva rya so ryagiye rizamuka urutirigongo rikagera mu bushorishori bw’umutwe, umurego ukagera ku ndunduro yawo, ibonunumva rya so ryakoze gato ku **IBONUNUMVA NYA-MANA** riramyasa, haba guturika gato, ari byo gusohora, maze nyuma

⁷ Vast soulless cities (*)

⁸ The Reality

IBONUNUMVA NYA-MANA

ryinjira mu mbuto ye, ngo ijye guha ubuzima intanga y’umubyeyi-gore. Brw6/13

Umwanya wo kuba umwe n’umugore, n’iturika ry’umurego mu mugabo igihe cyo gusohora, byongera gukina igihe cya Big Bang, igihe UBUMWE bw’ ‘Ibonunumva Data-Mama’ kwasandaye hakavamo ingufu zitandukanye, utuvungukira tw’amashanyarazi twa mbere n’ibifatika bitagira gahunda bikirema. ‘Ibonunumva Data’ ryatanze ingufu z’ ‘ubukozi no kujya mbere’, naho ‘IBONUNUMVA MAMA’ ritanga ‘rukuruzi’ yo guha iforoma n’ingizi utuvungukira tw’amashanyarazi. Brw6/14

Izo ni MUSHYIGUZI Z’IBANZE⁹ zihabuzima n’iforoma umugabo n’umugore. Brw 6/15

Ndashaka ko mwumva neza ko irema atari irema ry’ ‘ibifatika’ byifitemo ibonunumva. Brw6/16

Irema ni iforoma igaragara ya **MUSHYIGUZI Z’IBANZE**, zakuruwe zigashyirwa hamwe mu maforoma-giti n’ibiremwa byose bigaragaza amasura anyuranye, n’uburyo bwo kuvanga **MUSHYIGUZI Z’IBANZE** mu nzira zitabarika. Brw6/17

Rero, **MUSHYIGUZI Z’IBANZE** ni zo *kirukuri* mubwirwa n’amaso, amatwi, ihumurirwa no gukorakora byanyu, ko ari ‘ibifatika’ bikomeye, nyamara mu by’ukuri ari **MUSHYIGUZI Z’IBONUNUMVA** zagizwe giti, ngo zibashe gukorakorwa, kumvwa nyagatekerezi¹⁰, no gusogongerwa bubamutima¹¹. Brw6/18

Mu gihe cyo gusama, iyo intanga-gabo ihuye n’intanga-gore zikanywana, intangakarande¹² **z’ibonunumva-gabo** zishumikana n’intangakarande **z’ibonunumva-gore**. Ubwo ni ubumwe nya-bifatika bw’**ibonunumva ry’intanga-gabo** ya so, n’**ibonunumva ry’intanga-gore** ya nyoko, bushobojwe kubaho n’**UBUMANA**. Bityo, intangakarande z’**ibonunumva-gabo** na -gore zigafata ikirango cy’indemangingo-kamere¹³ z’ababyeyi bombi. Ihura nya-bifatika ry’intanga-gabo n’intanga-gore, rikorwa ku nzego ebyiri z’uburemyi. Brw6/19

IBONUNUMVA NYA-MANA ryatewemo ryahindutse ROHO yawe ifubitse mu bumwe bw’**ibonunumva nya-muntu** bw’intanga-gabo n’intanga-gore. Ubu-nya-bifatika¹⁴ bwararemwe, bushobojwe n’ ‘**Ibonunumva rya Buzima-Data-Mama**’ ryagengaga **ubukozi n’ubumatane by’ingirangingo zibona-zinumva**, rigatuma

⁹ Primal impulses (*)

¹⁰ Intellectually (*)

¹¹ Emotionally (*)

¹² Chromosomes (*)

¹³ DNA (*)

¹⁴ Physicality (*)

umubiri wawe ukura ukiyubaka buhoro buhoro – umubiri mu by’ukuri utagize ikindi uri cyo, kitari ibonunumva ryagaragajwe kuri buri rwego rw’ukuba kwawe. Brw6/20

Roho yawe yakomeje kuba nk’ ‘urumuri’ rw’isugi (ni ukugereranya) **rwa ‘BUZIMA-Data-Mama’**, rushinze byimbitse muri za ngufu nya-bifatika z’

UBUKOZI – IKURURA/IJUGUNYA

Izo ngufu ni zo zahindutse ubu-giti¹⁵ na jye-babona byawe byo ku isi. Brw6/21

Zimaze kwinjizwa muri **MUSHYIGUZI** ndengakamere **Z’UBUZIMA z’ Ibonunumva Nya-mana rya Data-Mama’**, izo **mushyiguzi** z’ibonunumva noneho zigaruriye imikorerwe y’irema ry’ibonunumva nya-bifatika ryawe, maze zihinduka imbaraganyobozi inyuma ya jye-babona yawe. ‘Ubukozi-Zirika’ byashyize hamwe ngo byubake ingirangingo ibona-inumva¹⁶, imwe ku yindi, hakurikijwe ibirango by’ibonunumva bisangwa mu ndemangingo z’ibonunumva z’indemangingo-karande. Jye-babona n’umubiri, byombi ni imbuto zeze, za mushyiguzi nya-muntu z’ ‘Ubukozi-Zirika/Jugunya’. Mu gihe **IBONUNUMVA MPUZAHOSE** ryibera ubuziraherezo mu buringanire bw’**isanzure**, bityo rikaba ridashobora gutahurwa, – muri iryo **sanzure** nyirizina, **mu nkurikirane**¹⁷ **z’umuvumero**, mushyiguzi z’ibanze z’ ‘Ubukozi-Zirika/Jugunya’ zo zirakorana mu rwego rugaragara, zikigaragariza ibyumviro byanyu mu iforoma y’amashanyarazi-rukuruzi¹⁸. Brw6/22

IBONUNUMVA MPUZAHOSE na **roho** yawe byombi bikomeza kwibera ubutavogerwa mu bucece n’umutuzo by’uburinganire mu isanzure. Ubukozi bw’ibonunumva nya-si bubera mu isanzure no mu gihe, no mu nkurikirane z’umuvumero zihindagurika z’ibonunumva ryafashe iforoma. Brw6/23

Bityo rero, mufata iforoma nya-buzima kandi mugakomeza kubaho mu nzego ebyiri. Urwego rumwe ni Rutagaragara, **IBONUNUMVA NYA-MANA** – naho urundi rwego rugaragara ni rwo rwonyine ikiremwamuntu nya-buzima gishobora kumvisha ibyumviro cyangwa ubwenge, kugeza igihe iterambere nya-roho rizamuriye inkurikirane z’umuvumero w’ibonunumva nya-muntu ryacyo ku rwego nya-roho, noneho agashashi kw’ubusobanukirwe kagacengera ibonunumva nya-si ryacyo. Uko iyo mikorerwe y’ubumurikirwe bugenda bwiyoungera ikomeza, ni ko ibonunumva nya-muntu ryazamuwe rikora bubonunumva¹⁹ icyarimwe muri **Rutagaragara** no mu rwego rugaragara. Brw6/24

Iyo inkurikirane z’umuvumero w’ibonunumva-giti ziri hejuru, amaforoma aremwa muri gatekerezi na yo aba hejuru, kandi akarushaho gutungana – iyo inkurikirane z’umuvumero ziri hasi, amaforoma aremwa muri iyo gatekerezi yigaruriwe burundu

¹⁵ Individuality (*)

¹⁶ Conscious (*)

¹⁷ Frequencies (*)

¹⁸ Electro-magnetism (*)

¹⁹ Consciously (*)

n'ingufu-nyobozi za jye-babona na yo arushaho kubusana n'**Ubuziranenge mpuzahose bw'Urukundo**. Brw6/25

Jye-babona ifata iya mbere mu gucunga imikurire y'urusoro kuva intanga-gabo igishumikana n'intanga-gore. Ako karemwa gashya kahindutse 'JYE', ihita yiyumvamo gushima cyangwa kudashima muri nyababyeyi, bitewe n'uko kiyumvamo kugubwa neza cyangwa nabi, n'ibyabaga birimo biba kuri nyina. Brw6/26

Ukimara kuvuka, bavukanwa²⁰zawe zo kuramba, zisharazemo ubumenyi cyimeza²¹ bwimbitse bw'ubube²² bwaremwe' buhambiriye muri buri ngirangingo nzima y'umubiri wawe, zatumye uhumeke, zinatuma wumva icyuho n'ubukene mbamutima bitewe no gusohoka kwawe uva mu kugubwa neza kwa nyababyeyi yari igucigatiye, ubyumva noneho nk' icyuho nya-bifatika no gukenere ifunguro nya-bifatika. Brw6/27

Nguko uko induru ya jye-babona yawe yavutse. Brw6/28

Iyo wariraga, nyoko yarakonsaga bikakunyura, ku mubiri no ku mutima. Iyo ibyo ukeneye byose byamaraga kuboneka, washoboraga kwisubirira mu mimerere y'uburinganire, mu bitotsi. Brw6/29

Iyo wakangukaga uvuye muri ubwo burunganire, wumvaga ko hari umutekano muke (uburinganire noneho bugabanyijemo ibonunumva nya-gatekerezi na mbamutima), ukibuka ko nyoko n'amashereka ye, ari byo bikuzanira umutekano ukeneye, ukongera ukarira. Ibyo ukeneye ukabihabwa. Nguko uko **ingufu-nyobozi za jye-babona** yawe zagiye zikura. Brw6/30

Rimwe na rimwe warariraga, noneho hagafatwa icyemezo bya kimuntu, ko igihe cyo kukugaburira cyari kitaragera, bakakureka ukarira umwanya. Ibyo byakwigishije ko, ibyo umuntu akeneye byose, atari ko iteka ahita abibona, ko ugomba kubimenyera. Icyo gihe wahitagamo kurakara, ukongera umurego mu kurira – cyangwa gutuza ukakira. Amahitamo yawe yaterwaga n'ibirango by' **'ingufu-nyobozi za jye-babona'**, zasharazwe mu ibonunumva ryawe ukivuka. Brw6/31

Nta foroma y'ingufu-nyobozi za jye-babona n'imwe muri izo zombi, yagombaga guhanwa cyangwa gucirwa urubanza. Zari inkurikizi isanzwe, y'**Uburemyi bwa Jye-babona**, irengera **UBU-GITI**. Brw6/32

Nk'uko nabisobanuye mu **Ibaruwa** yanjye iheruka, **JYE-BABONA** ni :
UMURINZI W'UBU-GITI. Brw6/33

²⁰ Instincts (*)

²¹ Primeval knowledge (*)

²² Beingness (*)

Iyo utaza kugira iyo mushyiguzi kimeza, yo 'kuririra' icyo wifuza ngo ugubwe neza, cyangwa kwirukana ikigutera agahinda, wajyaga kuba uri mu keragati kigana ububura-kintu²³. Brw6/34

Iyo utiruka cyangwa ngo utabaze uhuye n'icyago, – washoboraga gupfa. Brw6/35

Iyo utarira – ngo 'usabe' ifunguro – mu gihe wari umaze kuvuka, washoboraga kwicwa n'inzara. Brw6/36

Iyo utakira neza amashereka ya nyoko, ngo umwikubeho unezerewe, ntiwajyaga na rimwe, kuboha injishi y'urukundo, iguhuza na we. Brw6/37

Hatariho **INGUFU-NYOBOZI ZA JYE-BABONA**, nta remwa ryabaho, nta bu-giti, nta kuzuza ibikenewe, nta burinzi, nta bususuruke bw'igisubizo, nta rukundo nya-muntu. Brw6/38

Nta **NGUFU-NYOBOZI ZA JYE-BABONA**, nta kwirengera byabaho, nta kwirinda, nta kuramuka. Brw6/39

Gusa, **INGUFU-NYOBOZI ZA JYE-BABONA – mbere na mbere 'JYE' y'umuntu ku giti cye**, zisharazemo gusa icyifuzo cyo kwihaza no kuramuka. Brw6/40

Mu bwana, 'JYE' ya jye-babona, igengwa n'ibyo ukunda n'ibyo wanga, ibyo ushaka no kwigizayo ibyo udashaka, n'utumenyero turemwa no guhora usubiramo ibiyumvo. Utumenyero tubi, dufite iforoma y'ibisubizo bidahwitse ku bunararibonye bwite, cyangwa ku bidukikije, turirema, noneho na two tukisharaga mu kiburabonunumva²⁴ – cyangwa muri gatekerezi yo muni y'ibonunumva²⁵ – ntitugaragare. Nyamara tuvumbuka mu maforoma y'imyitwarire igarukirana, iyo 'urwibutso' rw'ibyo umuntu yabayemo, n'uburyo yabyitwayemo, rutugaruye butabonunumva²⁶ muri gatekerezi. Brw6/41

Ubu noneho, gatekerezi yo muni y'ibonunumva, na gatekerezi ibona-inumva, bitangira gukorana ngo bikuze jye-babona. Byinshi mu myitwarire bihinduka 'imyitwarire isharaze', bigorana cyane guhindura. Iyo umuntu yasharazwemo butabonunumva utumenyero tw'igitekerezo n'imyitwarire bya jye-babona ikabije ubwikunde – hanyuma bikamugora kubana n'abandi mu mahoro – uwo muntu agana umusanamitima²⁷, kugira ngo amufashe kugaragaza insobekerane z'ibibazo nya-gatekerezi/mbamutima. Brw6/42

²³ Nothingness (*)

²⁴ Unconscious (*)

²⁵ Sub-conscious mind (*)

²⁶ Unconsciously (*)

²⁷ Psychologist

Kugeza **Ukuri kw’Imibereho** kwanjye kumvikanye byuzuye, noneho amahame ntanga-buzima agahinduka imirongo-nyobozi ihamye y’utumenyero tw’igitekerezo, n’ibisubizo bihabwa ibibazo by’ubuzima, agahinda n’umubabaro biterwa n’intamenya yorora ingufu-nyobozi za jye-babona bizakomeza. Brw6/43

Kiliziya yita iyo ngorane nya-muntu ‘igishuko cya Shitani’. Si byo. Ni imigendekere isanzwe, iterwa n’**imyakirire y’ubuzima idahagazweho**, ihabwa imbaraga n’**Ingufu-Nyobozi za Jye-babona, iba igamije gusa kuzanira umuntu-giti umunezero no kunyurwa, kuzurizwa ibikenewe – cyangwa – ubutavogerwa²⁸, ubwigenge, umutekano, amahoro ... byose bigamije KURAMBA. Brw6/44**

Ni ngombwa kumva ko nta kibi kiri mu byerekeye ingufu-nyobozi za jye-babona. **Ni igikoresho ngombwa cy’irema**. Ni umuntu ku giti cye ukurura ibidahwitse mu buzima, mu kwemerera ingufu-nyobozi za jye-babona gucunga zonyine jye-babona ye, adatekereje cyangwa ngo yite ku bandi bantu. Brw6/45

Iki na cyo si icyo gucira urubanza cyangwa kunenga, kuko umuntu wigaruriwe n’ingufu-nyobozi za jye-babona, nta bundi buryo azi bwo gutekereza, cyangwa kugenza, mu rwego rw’ibyo ku isi. Brw6/46

Umwana nta kindi azi ku bwizige²⁹, usibye ibyo ababyeyi n’abarimu be bamubwiye. Brw6/47

Ni yo mpamvu ababyeyi n’abarimu nta kundi bakagombye kubigenza, usibye kwakirana umutima mwiza amakosa umwana akora mu gusubiza ibibazo by’ubuzima na gatebe gatoki zabwo, kubera ko umwana ntacyo yumva ku byerekeye ikimuyobora. Brw6/48

Iyo ashatse ikintu – agishaka ako kanya, akibaza impamvu adashobora kukibona. Nta kindi kimuri mu mutwe usibye icyo. Abonye ikintu akunze – aragishaka. Brw6/49

Harimo ubugome gukankamira umwana umubwira ngo ‘Oya, ntushobora kukibona’, urwungano rwe rwose ruba rututswe, ruhohotewe. Kuva mu iterura, imigendekere yo kumutoza igomba kurangazwa imbere n’inyurabwenge no kumuhumuriza – umuntu ashimangira uburenganzira bwe bwo kumva atekanye mu bimukikije. **Kumva atekanye kwe, kwagombye gutezwa imbere no kumusobanurira uburyo buboneye bwo kugaragaza ibyifuzo bye. Urukundo – atari uburakari cyangwa umujinya, ni rwo rugomba guhitamo amagambo yo kubwira umwana impamvu adashobora kubona icyo ashaka.** Umwana azumva ubutumwa butanganywe urukundo. Iyo butanganywe umujinya, buzikura ingufu-nyobozi za jye-babona ye, bugatangira gufata iforoma nk’inzigo – igaragara cyangwa

²⁸ Privacy (*)

²⁹ Self-control (*)

itagaragara – cyangwa kwiyumvamo ipfunwe ryimbitse, ritera ibara jye-babona, rikagabanya ishema rye kimeza. Umwana akeneye kwiyumvamo iryo shema-gatozi³⁰ ritagomba kugerurwa cyangwa gusenywa. Brw6/50

Ibyo bisaba ababyeyi cyangwa abarimu kumwerekana, neza cyane, ko n’abandi bantu ku isi bafite ibikenerwa byabo, uburenganzira bwabo ku mitungo yabo, ko na bo bifuzaga amahoro no kuryohereka. Nta n’umwe, yaba umwana – cyangwa umuntu mukuru – ufite uburenganzira bwo kuburabuza undi kugira ngo agere ku byo ashaka. Brw6/51

Iyo undi mwana amukubise agatuma arira, birumvikana ko ingufu-nyobozi za jye-babona zihita zishyamba kwihorera – ashazemo kwihagararaho akivuna uwo mwana wundi. Brw6/52

Ibi birahamagarira ababyeyi n’abarimu kugaragaza ko ‘kwihimura’, kwihorera mu gihe cy’ubushyamba, nta kindi bimara usibye gutuma ibintu birushaho kuba bibi, bikongera umubabaro kuri buri mwana, kandi ko kubera icyo mpamvu, ‘kwihimura’ ari nta kavuro. Brw6/53

Birutwa no **GUSEKA** ukabitera umugongo. Kandi aho kwemerera umujinya n’ububabare gukomeza muri gatekerezi, ikiruta nanone ni ugushyira icyo kibazo **IBONUNUMVA NYA-MANA mu isengesho**, agasaba gukubera umubabare mu ibonunumva rye, agashaka uburyo bwo kwiyunga. Brw6/54

Umwana yagombye kandi gutozwa gufata umwana wo kumva ko we na mugenzi we banganyaga kuba abana bavutse ku **GIHE NYA-MANA**³¹. Igihe umwana afite ubushobozi nya-roho bwo kwakira, kandi akabasha gukora ku buryo ruhinduka akamenyereye urwo rugendo rwo gutahura isano nya-roho afitanye n’abandi bana kimwe n’ibiriho byose, kandi ko ‘uburenganzira bw’abandi bungana n’ubwe bwite’, icyo gihe azaba yarahawe impano nya-roho iruta izindi bishoboka. Ni kuri ubwo buryo ingufu-nyobozi za jye-babona zitashyamba ubukana n’umugenzi wa buri muni wo gushyira mu bikorwa urukundo rukomoka ku mwuka, mu gihe ubu’Jye’we-sangano bw’umwana bukomeza kwema, no kwigirira icyizere. Brw6/55

Umwana yagombye gusobanurirwa ibyiza byo guseka, nzavugaga nkanasobanura mu Ibaruwa izaza nyuma. Brw6/56

Rero, hakenewe **inyigisho** za gihanga kandi zuzuye ubushishozi, kugira ngo zerekereze umwana mu guha agaciro uburenganzira bw’abandi bantu – **BUNGANA N’UBURENGANZIRA BWE BWITE**. Brw6/57

Iri ni ryo tegeko nya-roho ryagombye kuganza imuhira no ku ishuri.
Brw6/58

³⁰ Personal validity (*)

³¹ « Divine Moment » (*)

**Irindi tegeko iryo ari ryo ryose wakwitwaza upima ibibaye rirafutamyeye,
kandi ribuze uburinganire. Brw6/59**

Inyigisho iruta izindi ntabwo izashingira ku bushake bwa mwarimu – ku mpagararo³² ya 'kuko ariko **Jye** mvuze', ahubwo izashingira buri gihe ku 'rukundo rwa kivandimwe' n'uburenganzira bungana bw'abandi. Brw/60

Nanone, umwana ntagomba gucengezwamo ibyo 'kwigomwa', kuko **ubwo buryo bwo kwita ku bandi bugomba guturuka ku bushake, kandi bukavuka gusa ku myumvire nya-roho, n'itego by'umuntu ku giti cyeye.** Brw6/61

'Kwigomwa' bituruka ku imurikirwa nya-roho, ku nzira yisumbuye yo gukurikira, ku guhigika ka jye gato, ngo ukure mu nzira inzitizi za jye-babona, zitambamira kunywa n'ubuhuzahose bw' **Ibonunumva Nya-mana.** Ubwigomwe bumurikiwe nyabwo, bugeza ibonunumva nya-roho ku bushorishori bw'ibyishimo. Nta kwiyumvamo na gato iforoma n'imwe y'igihombo. Brw6/62

Kugira ngo ndusheho gusobanura neza ikirukuri cya **roho** na **jye-babona**, ndashaka ko uhuzanya ibiganza byombi, imitwe y'intoki ikora ku mitwe y'intoki n'ibikonjo biri kumwe, usige umwanya hagati y'ibiganza. Brw6/63

Ibiganza byawe biri mu mwanya w' **'urwubati rw'ibonunumva nya-muntu'** rw'umuntu – jye-babona. Brw6/64

Umwanya uri hagati y'ibiganza, uhagarariye neza **ROHO** yibarutswe na '**Buzima-Bonunumva-Data-Mama**', mu isamwa ryawe. Mu gihe ku byumviro nya-muntu uwo mwanya usa n' 'icyuho', mu by'ukuri ni **umurase wa RUKOMATANYO & IMBUMBABYOSE³³y'IBONUNUMVA NYA-MANA,** ibyaremwe byose bikesha iforoma yabyo. **Ibiganza byawe n'umwanya hagati yabyo bihagarariye 'JYE'.** Brw6/65

Ikiganza cyawe cy'iburyo n'icy'ibumoso, bihagarariye imbaraga ebyiri nyamaboko z'ingufu-nyobozi za jye-babona rukuruzi. Bishushanyije ingufu zo 'kuzirika-kujugunya', ariko nanone, kandi ku buryo bwumvikana, ibyo biganza byombi ni ikigaragazo nya-bifatika cy'ingufu nya-bifatika zizwi na siyansi nka rukuruzi, - 'Kuzirika-Gusunika'. Brw6/66

Funga ikiganza cyawe cy'iburyo, ucyomere ku kindi kiganza, wishushanye mu bwenge ko ukoresha icyo kiganza cy'iburyo kugira ngo 'uronke ibyo ushaka mu buzima'. Gihagarariye nanone icyo ibonunumva nya-muntu ryawe ribona nk'imyitwarire yo 'gufata' mu buzima. Brw6/67

³² Attitude (*)

³³ Allness & Wholeness (*)

Ha umwanya uhagije uwo mwitoto, ubone byuzuye ko ikiganza cyawe cy'iburyo gihagarariye imbaraga rukuruzi, ukujisha, ugukurura, ukuremera kugaragara mu bidukikije byose. Ni ho haturuka 'ugushaka' kose no 'kwifuza'. Ni **mushyiguzi rukuruzi** ihora igambiriye kuronka ikiri ngombwa, cyangwa icyifuzwa cyane, kandi kizana kuryoherwa mu buzima. Iyi **mushyiguzi rukuruzi 'yubakiye buroho'** kugamiza imigambi yubaka. Kunguka, gutunga, kubaka, kwesa umuhigo. Brw6/68

Iyo hatajya kuba undi muntu cyangwa ikindi kinyabuzima ku si, mushyiguzi rukuruzi yajyaga kwisanzura muri jye-babona ntihagire icyangirizwa. Brw6/69

Ni gusa iyo 'abandi bantu', cyangwa ibindi biremwa nya-buzima, cyangwa abantu n'imitungo by'abandi bigomba kwitwararika, ko idacunzwe neza, **mushyiguzi rukuruzi yo gukogota, gukurubana, kujisha, gukomeza, gutunga**, ihinduka indwara ya jye-babona, iyo itaringanjwe mahwi n'ibikenerwa by'ibindi binyabuzima byose. Brw6/70

Subiza ikiganza cyawe aho wagikuye — uko cyari gifatanye n'ikiganza cy'ibumoso. Brw6/71

Noneho vanaho ikiganza cyawe cy'ibumoso, maze wishushanye mu bwenge ko icyo kiganza gihagarariye 'mushyiguzi rukuruzi' yo kwigizayo, gusunika, gukubita cyangwa kwitabara, hagize uvogera nta ruhushya urugo cyangwa imitungo yawe, hagize se ugaba igitero ku kirango cyawe, ku muryango wawe cyangwa ku kazi kawe. Icyo kiganza cy'ibumoso gihagarariye '**mushyiguzi rukuruzi yo kujugunya**', '**yubakiye buroho**' kubungabunga ubutavogerwa bwawe, no gukiza amagara yawe. Ni intwari yemewe, iyo kuramuka kwawe ku mubiri cyangwa ku mutima kwagirijwe – upfa gusa kwibuka buri gihe, ko buri gikorwa cyawe ari igishushanyo-mbonera mu ibonunumva cy'ubukozi/mashanyarazirukuruzi-zirika/sunika, gishibuka bikarangira cyigaragaje mu iforoma y'igitero gisa na cyo kuri jye-babona. Brw6/72

Ikitagushimishije gishobora kuba ari ikijoro giturutse ku mubyeyi, umwigisha cyangwa umukoresha, maze amagambo yo kwirengera apfupfunuka muri gatekerezi agasohokera mu munwa wawe, akaba ari amagambo ya jye-babona agamije gusa kukurengera, agaragaza ingufu-nyobozi rukuruzi zo gusunika no guta hirya. Ubwo kandi uko amagambo ya jye-babona yawe aturikamo imvugo ikakaye, ni ko jye-babona y'uwo muhanganye na yo yumva isatiriwe, ikamugagambukamo nk'amagambo yo kukwivuna. Icyashoboraga kuba cyatangiye nk'igikorwa ngombwa, kandi cya mukuru, cyo 'kwerekana ikosa n'uburyo bwisumbuye bwo kuzenza', kibonwa kenshi ako kanya nk'agasomborotso na **jye-babona yihugiyeho**. Icyagombaga kuba cyabaye **umwanya** wo gukura kikavamo **igihe** cy'amahane, umujinya, yenda amarira, inzika idashira n'amakimbirane. Brw6/73

Muri bene ubwo buryo bwihuse, butunguranye kandi **butari ngombwa**, amakimbirane aravuka mu mitekerereze, akagaragazwa mu magambo – ndetse no mu bikorwa, agahindurwa akarande mu nzika n’urwango. Brw6/74

Mwibuke ko buri gikorwa cya gatekerezi – igitekerezo n’imisubirize³⁴ mbamutima yo gukurura no gusunika, byose ari **ingufu z’ubuhanzi z’ibonunumva**. Izo ngufu z’ibonunumva ntizirema gusa amaforoma y’imishibuka idashimishije, ahubwo zinagenga icyerekezo cy’ibiranga umuntu, ndetse zikanagira ingaruka ku mibanire muri rusange no ku bidukikije... kandi zikagabanya imbaraga z’ubuzima bw’umubiri, bihita bikurura kumva umuntu atameze neza, ubwandu bw’umugera, cyangwa indwara ya twibanire. Brw6/75

Inzira yisumbuye, igihe utewe ku buryo ubwo ari bwo bwose – inzira ifite imishibuka nnyabuzima gusa – ni ukwibuka ko ushobora guhita witabaza **IBONUNUMVA NYA-MANA**, uzakuraho uburinzi ako kanya uko byagenda kose. Ariko ibyo bishoboka gusa iyo ushobora kurenga **ingufu-nyobozi rukuruzi za jye-babona zo guhangana**, wiringiye ubutajegajega ko **IBONUNUMVA NYA-MANA** riguha icyo ukeneye cyose. Brw6/76

Noneho garura ikiganza cy’ibumoso mu mwanya wacyo, uko cyari gifatanye n’icy’iburyo. Brw6/77

Bona neza ko muri uyu mwitoto, **ISANZURE** hagati y’ibiganza byawe yakomeje kuba **ISANZURE**. Brw6/78

Ntiyigeze yivanga mu gikorwa na kimwe cy’ibiganza. Ni uko bimeze na **ROHO** yawe, igihe **jye-babona** yawe iba ihihikana ku kazi, irekereje isogonda ku yindi, buri gihe n’ubuziraherezo, ngo ikuzurize ibikenewe kandi ikurinde icyaguhuganya. **IBONUNUMVA NYA-MANA rya ROHO yawe**, rikomeza kutigaragaza n’ubwo riba rikurimo igihe cyose. Brw6/79

Igihe nari ku isi, nabwiye rubanda ibyerekeye ‘Ubwami bw’Ijuru’. Navuze ko bubarimo. Ni uko bimeze. Ni roho yawe. Ni ubuvumo bw’uburinganire bw’**IBONUNUMVA NYA-MANA** bwaguhaye ukuba, nk’uzaba umugabo cyanga umugore. Brw6/80

Nyotewe cyane no kubasha gushyira muri gatekerezi zanyu, icyitegererezo kigari cy’**ISOKO** yanyu **y’UKUBA**, ngo mbashoboze kubona neza byisumbuyeho gato amaza yanyu – aho mwaturutse. Brw6/81

Mugomba kandi kumva igihe cyose ko iyo mvuze ijambo ryo gushushanya **ICYO MU BY’UKURI KIDASHOBORA KUMENYWA**, mba, jyewe ubwanjye, mpagaze mu nkurikirane z’umuvumero ziheza izindi mu gusatira uburinganire, ku nkomanizo

³⁴ Reactions

nyirizina z’**UBURINGANIRE MPUZAHOSE BUHEBUJE**, aho byose byakuye ukuba kwabyo n’iforoma yabyo. Brw6/82

Iyo mvuze umusozi, ishusho riza mu bwenge bwawe, ariko ntumenya uburumbarare bw’imiterere yawo, ubukomere bw’amabuye yawo, imikuku yawo, impinga n’ubuvumo byawo, urubura ruwutwikiriye mu bihe byose, amasumo akonkoboka agakora ibiyaga iyo urubura washonze. Kugira ngo murabukwe uburumbarare bw’uwo musozi, nagombye kurondora nkavuga buri mfuruka yawo. Nyamara na nyuma y’ibisobanuro **mu magambo** birondoye kurusha ibindi, nta kindi mwagira cyo kwifashisha usibye amashusho nya-gatekerezi mwakwishushanya. Ntabwo nanone mwaba mwari **MWAMENYA** uwo musozi. Brw6/83

Iyo mvuze serwakira, nshobora guha ubwenge bwawe ishusho y’ibiti bigondwa kugera ku butaka n’umuyaga wa karahabutaka, inkuta zisenyuka, amaburiti (amakumba) avunika, amatafari n’ibisenge biguruka, amadirishya yamenetse, imodoka zibiranduye, ibiti binini byarandutse, ariko ntuzamenya inkubi n’umubomborano w’uwo muyaga, ihomboka ry’inyubako zirimo zikubita hasi, cyangwa igihunga iyo serwakira itera mu mitima y’abantu barimo bagirizwa na yo, kugeza nawe bikubayeho. Brw6/84

Ni uko bigenda iyo ngerageje kubashushanyiriza **ICYO CYAZANYE IREMA RYOSE MU KUBA. Mushobora gusa gukeka, ariko ntimushobora KUMENYA.** Brw6/85

Igihe muzaba – mwebwe ubwanyu – mwarahuye n’ibyo navuzeho, ni bwo muzatangira kugira agashweshwe k’ibyo ndimo ngerageza kubabwira. Kubera iyo mpamvu, ntihagire usoma **AMABARUWA** yanjye ujya impaka na mugenzi we, cyangwa ngo ahakane ukuri kw’ibyo ndimo mbigisha – cyangwa ngo avuguruzze amagambo yanjye – kuko ndababwiza ukuri ko mudashobora kumenya byuzuye ibyo mutaranyuramo. Brw6/86

Abazankurikira, mu bwakire n’ukwemera, mu kuzirikana kwa buri muni, mu gusukura ibonunumva, no mu isengesho ryuzuye imbaraga mbamutima ngo bamurikirwe, ni bo bonyine bazagera amaherezo ku kurabukwa kugenda kwimbika – hanyuma ku bunararibonye – bw’icyo irema **ubwaryo** rishobora kugeraho – **Ibonunumva Nyamana.** Brw6/87

Mushobora kubaza igitandukanya **Ibonunumva Mpuzahose n’Ibonunumva Nyamana?** Brw6/88

IBONUNUMVA MPUZAHOSE ni ICYANYA MPUZAHOSE CY’ISANZURE, umuntu adashobora kwinjiramo, cyangwa kugeraho, kuko ritayega mu mimerere y’uburinganire n’ingufu zikumiriye. Brw6/89

IBONUNUMVA NYA-MANA ni ihurizwa hamwe mu **IBONUNUMVA MPUZAHOSE**, rya **MUSHYIGUZI z’iremezo**, zari zararekuwe ngo zombi zihinduke *ubukozi n’intimatima* by’irema, mu gihe cya Big Bang. Brw6/90

Izo **MUSHYIGUZI** zari zaratanyijwe no guturika, nyuma zongera guhura mu mimerere y’ubukumirane. Kandi zari zaragenewe gukorera ubuziraherezo mu cyanya cyaremwe, byaba ku buryo butandukanye, zikigaragaza nk’ingufu, cyangwa zishyize hamwe zikumiriye mu burunganire. Ni urwo rwego rw’**IBONUNUMVA NYA-MANA** rwonyine siyansi ishobora gucengera. Brw6/91

Ahari igika gikurikiye kirabasha kubisobanura neza kurushaho:

IBONUNUMVA MPUZAHOSE

Ifatiro rya

MUSHYIGUZI MPUZAHOSE

MUSHYIGUZI y’ / MUSHYIGUZI y’:

UBUSHAKE bwo kurema *mu bukumirane n’* **UMUGAMBI** wo kwiyumva³⁵

UBWENGE “ “ “ **URUKUNDO**

MUSHYIGUZI		uburunganire	MUSHYIGUZI
y’UBUSHAKE	NYA-		y’IMIGAMBI
BWENGE			RUKUNDO
			Brw6/92

N’ubwo maze kubaha mu magambo igisobanuro cy’**IBONUNUMVA MPUZAHOSE**, si byo bizatuma mwumva neza kurushaho agahebuzo k’ubuhangange bw’Amaboko³⁶, ubwiza, ibyishimo, ubusabane, isabagira³⁷ biboneka mu ibara n’insaku byo hejuru y’urwego rwanyu. Ni twe twenyine, abazamutse mu nkurikirane z’umuvumero w’ibonunumva tukagera ku marembo nyirizina cyangwa inkombe z’uburunganire bw’**IBONUNUMVA MPUZAHOSE**, twumva kandi tukabasha kohereza imirase y’**isabagira ryo kwimenya kw’ububasha nyakuri tutagombye kwifuza kubwuzuzwa – ibyishimo bitangaje byo kuba uwo uri we nyirizina utagombye ‘kuzamura urutoki’**. Brw6/93

Nkoresheje ayo magambo nk’imvugo-shusho, kubera ko, n’ubwo nkomeza kugira ubugiti bwanjye, ubu nkorera mu **ibonunumva** gusa, kandi ntabwo nkiri nya-bifatika na gato, sinigeze nongera kuba nya-bifatika guhera nzamuka bunya-roho, ubutaretsa, mu zindi nzego z’ubuzima, nyuma yo gupfira ku musaraba. Brw6/94

Mushobora kwibazanya agatangaro ukuntu bishoboka kugumisha mu burunganire MUSHYIGUZI MPUZAHOSE ndenga-bipimo kuriya. Ziri mu mimerere y’ubukumirane bungana, MUSHYIGUZI Y’URUKUNDO ikurura kandi igakuza, ifata ikajisha UBUSHAKE buremyi kandi bukozi. Brw6/95

³⁵ Experience Itself

³⁶ The Power

³⁷ Ecstasy (*)

Icyo nshobora gukora gusa ni ukubisobanura mu magambo yoroshye akurikira: Brw6/96

Ushyize ikiganza ku kindi, intoki za buri kiganza zifashe igikonjo cy'ikindi, ukagerageza kubitandukanya ariko ukomeza kubimatanya, wagira agashweshwe k' igisobanuro cy' 'uburinganire' cyangwa 'ubukumirane'. Brw6/97

Ikindi kandi, wagombye kumva neza ko, n'ubwo ibiganza byawe bisa n'ibyerekana ikigaragara nya-bifatika, mu by'ukuri bigengwa na - kandi birimo biragaragaza - MUSHYIGUZI zituruka mu bwonko bwawe. Byongeye, ubwonko bwawe bushobora kuba ari igikoresho cyo kugaragaza ibitekerezo mbonunumva³⁸ – za mushyiguzi – ariko, mu by'ukuri, MUSHYIGUZI ni yo kirukuri cy'umuyego uwo ari wo wose – ntabwo ari ubwonko nya-bifatika, icyo buri cyo gusa, ni igikoresho cyo *kugaragaza* bene izo mushyiguzi. Brw6/98

Nabahaye gusa inkuru nya-gatekerezi y'IBONUNUMVA MPUZAHOSE. Nabashushanyiriza nte ububasha bwihisha mu Kuba kwaryo, ubuhangange bw'icyubahiro, umunezero, ibyishimo birabagirana, imimerere yo guheza kunyurwa, amahoro n'ubusabane byaryo? Brw6/99

N'iyi mwabasha kurangamira no kubona neza ko, muri ubwo BURENGABIPIMO bw'IBONUNUMVA, impuzahose uko yakabaye ari ho yakuye ubuzima n'iforoma, ntimushobora kubona ibirenze akavungukira k'isanzure ndengabipimo ry'*Ikirukuri cyuje Ibyishimo* cy'IBONUNUMVA MPUZAHOSE. Brw6/100

Kugira ngo **kamere y'irema** yumvikane neza: impamvu zituma jye-babona ikora uko ikora, impamvu ibiremwa byiyumvamo irari byiyumvamo, ni ngombwa kumva ko **KAMERE n'AGACIRO by'IBONUNUMVA MPUZAHOSE ari IBYISHIMO BIRABAGIRANA – UBWUZURIZWE– UMUNEZERO. Brw6/101**

IBYO NI BYO NISE « UBWAMI BW'IJURU MURI WOVE » - MURI ROHO YAWA – MU MFURUKA ZIMBITSE Z'URWUBATI-RWA-ROHO³⁹ RWAVE, ari rwo rusika ruri hagati y'uburabagirane bwa roho yawe, n'ubujyewe bwijimye bwa jye-babona. Brw6/102

Kwisubirira muri iyi mimerere ndengakamere y'ubube bwuje ikuzo, ubwiza, umunezero n'ubuziramakaraza, ni cyo cyifuzo cyimbitse kurusha ibindi cya roho yawe. Brw6/103

³⁸ Conscious (*)

³⁹ Psyche (*)

Ni iryo rari ridashira, uko kwibuka-utabonnumva kimeza kw’uburinganire n’amahoro, ibyishimo n’ubuziramakaraza, binyura mu rwubati-rwa-roho rwawe bigatera JYE-BABONA gukinisha⁴⁰ ibidukikije mu nyungu zawe. Umugambi ufatika wayo, ni ukugusubiza mu mimerere kimeza yawe y’ibanze isabagirana ikuzo, aho wakuye roho, ukuba, n’iforoma byawe. Brw6/104

Ariko jye-babona nta kundi ishobora kukuzanira ibyishimo no kuryoherwa wifuzwa, **usibye gusa** ikoresheje za mushyiguzi rukuruzi/mbamutima ebyiri : ‘Kurura-Jugunya’-mushyiguzi zagizwe nyabifatika gusa kugirango ziguhe ubu-giti bwawe. Brw6/105

Kubera iyo mpamvu, **inyota** ivukanwa yo gusubira ku **ISOKO y’UKUBA**, yiyumvikanisha mu mbago mashanyarazi-rukuruzi z’igitekerezo n’imbamutima, nka ‘nyongera, nyongera, nyongera’ y’ibyaguhaye kumva uryohewe mbere y’aho. Nyongera incuti, nyongera inzu, imodoka, imyenda, n’ibindi. Buri kantu k’inyongera kakongerera agashema, ukwiyemera ku baturanyi, ukarushaho kugira umunezero (ukongerera ukabaruta gato, ako ni akandi gashema) hanyuma agashya kagasaza, icyari igitonore kigahinduka kimomo, ibyumviro⁴¹ na byo bikongerera kuruhuka – mu burunganire – umunaniro nya-gatekerezi ukaba nguyu, akamenyero kagatera kubahirwa no kurambirwa. Brw6/106

Kugira ngo hazemo akunyu, jye-babona ishakisha indi ntego igomba kugerwaho ngo izane gushishikara no kuryoherwa. Bityo, ubuzima ni ugushakashaka ubutitsa ibikunyura ku giti cyawe binyuranye, ibyo bigasiga ya roho yihisha ishonje, ibihiwe, ikirarikiye ikintu cy’ ‘inyongera’ – ukibaza wihebye uti ariko ni iki jyewe y’ikambere irarikiye? Brw6/107

Iyo umuntu ageze aho yumva inkomoko nyakuri y’icyuho no guhora anyotewe bya kimeza ‘icyatumye amererwa neza mbere’, agatangira kwimanukamo kugera kuri ... **‘ICYO’... CYAMUZANYE MU KUBA**, akantu k’**Uburinganire Nya-mana** gatangira kunyanya mu ibonunumva nya-muntu. Icyuho kigatangira kugabanuka. Brw6/108

Iyo rero umuntu nk’uwo arabutswe by’ukuri **UHORAHU** n’intego nyakuri y’ubuzima, inyota y’ibintu birangira izize urw’ikirago. Irari ry’ingwize y’ibintu rizagenda risimburwa gahoro gahoro no guha agaciro gakwiye ibyo usanzwe utunze, no kwiyumvamo kunyurwa bifite ireme. Uko rigenda ryibonera ugutabarwa gutangaje, cyangwa ubukozi bw’**Ibonunumva Nya-mana** mu buzima bwa buri muni, ibonunumva nya-muntu rirahazamukira cyane, kandi rikahigira ko ibyifuzo byaryo bya buri muni, bibona ibisubizo mu buryo buhebuje. Ukwemera kukiyongera, n’ibyishimo bigakura. Brw6/109

⁴⁰ Manipulate (*)

⁴¹ Senses (*)

Ni yo mpamvu nababwiye nti : Ntabwo naje kubigisha iboneza-bitekerezo⁴², kugira ngo mukogote ibyo mushaka cyangwa mukeneye. Nazanywe nkana no kubagarura mu **Ngoma y'Ijuru**. Brw6/110

Ariko, si irari ryawe ry'ingwize y'ibintu wikubira ryonyine rituma roho yawe iboherwa mu ndiri yayo. Jye-babona inakoresha ingufu rukuruzi-mbamutima, ngo "yigizeyo-ijugunye", mu rwego rwo guhagarara ku bu-giti bwawe, ubutavogerwa n'umutekano. Iyo mushyiguzi ifata amaforoma anyuranye, agambiriye kuguha kwiyumvamo isumbwe, ubudashyikirwa, kukurinda abo wumva udashaka, cyangwa bari ku rwego rw'abantu ruri hasi y'urwawe. Izo ngufu za jye-babona zirakoreshwa buri gihe, kandi byabonwaga nk'aho byemewe rwose, ndetse n'amadini ubwayo ni uko yabibonaga. Ukuri ni uku: roho nitangira na gahoro kuganza ingufu za jye-babona, izacyaha ubujyewe nya-muntu⁴³ kubera ubwikubire n'ubwironde byabwo. Izashishikariza urwubati rwayo⁴⁴ kurangwa n'urukundo rutagira ikigombero, no kwemera ubuhuzahose n'Ubumwe bw'abantu bose, nta kurobanura. Brw6/111

Ahari noneho biraborohera kumva ukuntu n'impamvu iremwa ry'ubu-giti bwanyu, hakoreshejwe jye-babona, ryakoze umutemeri munini wa 'mushyiguzi nya-bifatika' wabyaye kandi ugapfukirana ibonunumva nya-muntu ryanyu – ukarema icyarimwe iforoma nya-bifatika n'ubujyewe nya-muntu byanyu. Kubera ko uwo mutemeri ugenga gatekerezi n'amarangamutima byanyu, ibitekerezo n'ibiyumvo, ubabuza guhura n'**ISOKO y'UBUZIMA bwanyu**, na **ROHO** yanyu. Brw6/112

INTEGO YANYU Y'UKURI mu buzima, ni ukwigarurira jye-babona yanyu, muzamuka mu bitekerezo n'ibiyumvo, mukagera kuri ... '**CYA KINDI'... MWUMVA KIRI INYUMA Y'IREMWA**, kandi mugasaba mukomeje kumurikirwa. Brw6/113

Iyo ni yo ntambwe ya mbere na mbere umuntu agomba gutera agana wa mwanya wuje ikuzo, igihe azahura n'**UBUMANA**, hanyuma akajya mbere akoresheje kwiyunyuguzwa ubutaretsa ingufu za jye-babona, kugeza asubiye ku 'mimerere nyajuru' roho yanyu yakomotsemo igafata ubu-giti bwayo. Brw6/114

None iryo REMA ry'UBU-GITI ryaje rite? Brw6/115

Nk'uko nabivuze mbere, **IBONUNUMVA MPUZAHOSE** ryageze ku ntera yo hejuru y'ubukumirane haba uguturika kwatandukanyije:

MUSHYIGUZI Y'UBUSHAKE BUREMYI na MUSHYIGUZI Y'IMIGAMBI NYA-RUKUNDO

Zatandukanye zigakora mu irema nka:
Ubwenge Data: Urukundo Mama

⁴² Positive thinking (*)

⁴³ Human personality

⁴⁴ Psyche

Bibonwa nk'
Amashanyarazi: Rukuruzi `Zirika – Sunika`
 !
Ubuzima
 !
 Byongeye guhuzwa mu buringanire nk'
IBONUNUMVA NYA-MANA
 !
UBUZIMA Brw6/116

Bityo, kure yo kuba `ibifatika` bikomeye bitagira igipimo – mu by`ukuri – isi ni:
Gatekerezi/bukozi ikorana na mbamutima/rukuruzi Zirika-Sunika. Izwi
 nanone nka `Kurura-Jugunya`: Brw6/117

Ubwenge Data: amashanyarazi nya-bifatika
 n'
Urukundo Mama: rukuruzi nya-bifatika `Kurura-Jugunya`
hamwe byabyaye umwana – JYE-BABONA. Brw6/118
 !

Iyi MUSHYIGUZI y`UBU-GITI,
 yaravutse ifata iforoma idakuka kandi ihanye mu ngufu z`irema, kugira ngo
 imbaraga zinyuranye z`amashanyarazi, zigaragaza nk`utuvungukira gabo na
 gore, hamwe n`utundi tuvungukira two mu itsinda ry`uducenshu
 twavumburanywe ibyishimo bihebuje na siyansi, tutaguruka urudaca, tujya
 kure mu `mimerere itagira iforoma`, ahubwo dukumirwe, kandi ducungwe
 na MUSHYIGUZI rukuruzi `zirika jugunya` y`Urukundo Mama, ngo bitange
 iforoma igaragara. Brw6/119

Siyansi ishobora guhinyuza ibivuzwe mu bika bibanjirije, kurya byayigoye
 gushyira mu magambo `imigendekere inyuranye y`ikurura`, ikoresheje
 komeka amazina anyuranye ku ngufu `zijiha`. Brw6/120

Siyansi nayibwira iki, yite izina ishaka `ingufu zijisha cyangwa zikurura`,
 ariko icy`ukuri ni uko izo ngufu zafashe iforoma biturutse kuri MUSHYIGUZI
 nyamukuru y`ibanze y`URUKUNDO MAMA, umurimo w`IBONUNUMVA
 ry`IBANZE ryarwo ukaba guha iforoma ubu-giti. Brw6/121

MUSHYIGUZI y` `Ubuzima Nya-bwenge Data` iha irema imbaraga-
 mashanyarazi. Brw6/122

MUSHYIGUZI y` `Ukurasa ku ntego y`Urukundo Mama` itanga `injishi` yo
 gukumira imbaraga-mashanyarazi ngo zicungirwe mu bu-giti. Brw6/123

MUSHYIGUZI y` `Ukurasa ku ntego y`Urukundo Mama` itanga mushyiguzi
 yo`gusunika-kujugunya` ngo isigasire uburambe bw`ubu-gitii. Brw6/124

Ngiyo – imikorerwe y’irema. Brw6/125

Icyo Siyansi ibasha cyonyine, ni ukwegera irema nk’indorerezi. N’ubwo intumwa zayo ari abantu kandi bakaba na bo ubwabo babaho ubuzima, gatekerezi nya- muntu nta kindi ishoboye usibye kwitegereza ibyaremwe. Ntishobora gucengera ikambere mu migendekere y’irema ihishe mu ‘bifatika’ no mu mbuga z’ingufu zibanziriza izindi. Brw6/126

Siyansi ntizigera ishyira urutoki ku MPAMVU ITAZWI⁴⁵ ivubura ingufu zicunga irema ry’iforoma-gatozi. Brw6/127

Ariko ibyo Siyansi ifite kuvuga ku byerekeye irema bibafitiye akamaro gake nk’umuntu-giti. Brw6/128

Siyansi ntizahindura na gato uburyo bwanyu bwo kubaho, ubuzima, ibibakikije, uburyo-gatozi bwo kwiyumva n’ibigwi byanyu. Brw6/129

Ibyo mukeneye kumenya – kandi nazanywe no kubabwira ku bwende bwanjye – ni ukuntu mushobora kwinyugushura **irari nya-bwikunde ryo gutunga-kwirinda**, mwahawe na **JYE-BABONA** ngo ribungabunge ubu-giti n’uburambe byanyu, kimwe n’inyota karemano yanyu yo gusubira mu byishimo n’umunezero irema ryose ryakomoyeho **UBUZIMA**. Brw6/130

Ibi ngibi birabaha impamvu naje ubwa mbere ku isi, kandi nkaba ngarutse mbagana none – gukora ikintu kitagira umuhanga n’umwe wakibakorera bibaho – gufasha roho yanyu kuzikuka ikarenga inzitiro z’irari rya jye-babona yanyu, igatangira indi gahunda y’ ubuzima bw’ibitekerezo n’imbamutima’ izatangaza ku buryo butaziguye ‘Ubuzima bw’Ibonunumva-Data-Mama’, bwabacengejwemo kimwe no mu nyokomuntu yose, mu gihe cy’isamwa. Brw6/131

Kubera ko jye-babona na yo ifite injyana mashanyarazi y’Ubukozi-Ubuhanzi, na mushyiguzi mbamutima rukuruzi zo ‘Kuzirika-Kujugunya’, icyavutse cyose ku ‘irari rya jye-babona’ binyuze mu bitekerezo, ibiyumvo n’ibikorwa byayo, cyifitemo ubuzima nya-bifatika mashanyarazi-rukuruzi, buzatuma kibyara amaforoma y’ubuzima bisa, bikazarangira bugaragaye mu buzima bwa jye-babona yaburemye. Brw6/132

Ayo maforoma yaremwe, ntibirangira yigaragaje gusa nk’ubunararibonye, ahubwo anarogoya imikorere y’imigendere nya-bifatika y’uwayahanze, agahinduka isoko yo kubura amahoro mu mubiri, imigera cyangwa indwara. Brw6/133

Nguko uko biba impamvu nini yo kwishima, iyo roho izikutse iva mu ibonunumva nya-muntu rya jye-babona ryari riyibundikiye, kubera ko ibonunumva nya-roho ririmo rizamuka, rirema imibereho izira amakaraza kandi ntanga-buzima ryifitemo. Ikinyuranyo cy’ibyo, biba impamvu y’agahinda, iyo ibonunumva nya-muntu

⁴⁵ Factor X (*)

ryarengewe mu bugenga bwa jye-babona, ibyo bigatuma rirema amagorwa, ibigeragezo n'ibyago, hombi mu bunararibonye bw'ubuzima, no mu mimerere nya-bifatika ubwayo. Brw6/134

Ni yo mpamvu, ndabibabwiye: niba mudakunze isi yanyu, murabifite mu bubasha bwanyu 'guhindura imibereho yanyu', aka kanya aho muri – niba mufite ukwemera n'ubushake buhamye bwo kubikora. Brw6/135

Nongere mbisubiremo mu bundi buryo kugira ngo muntege amatwi: Nimukomeza ku rwego muriho ubu rw'imikorere n'imitekerereze nya-muntu, muzabaho gusa ku rwego rwanyu rwa none rw'imibereho nya-muntu. Brw6/136

Bizaba ngombwa ko mwiyuha akuya ngo musarure ubutindi, mwugarijwe n'ibibazo byinshi, nk'ubukene n'umuze, ibiyobyabwenge, kubohwa n'ubwoba butera igishyika, no gusagarirwa n'ibibi by'ubwoko bwose. Brw6/137

Imibereho yanyu izakomeza ibaremerere kugeza igihe muzumvira uburyo bwo kuyihindura. Brw6/138

Ngaya amahirwe yanyu, akoze muri zahabu, yo gucunga ubuzima bwanyu ku buryo butigeze bubaho mbere, mwigarurira ibitekerezo n'amarangamutima byanyu – **mushyiguzi zanyu mashanyarazi na rukuruzi** – ibishushanyo-mbonera by'ubuzima bwanyu buzaza. Brw6/139

Kubera ko mumeze nk'ababumbyi bafite ibumba bakuramo buri muni iminoga n'utundi dukoresho. Brw6/140

IBONUNUMVA ni ryo bumba – intimatima muremesha ubuzima bwanyu – n'ibindi birebana na bwo. Ni mwebwe, mwenyine, murema ubuzima bwanyu uko mububaho. Brw6/141

Mukoresheje ibitekerezo byanyu, mushobora guhindura ahazaza hanyu-giti, mupfa gusa guha agaciro ibyo mbabwira, mukumva neza inkomoko yanyu nyakuri, mukayemera, mugakoresha ubwo bumenyi mu kamenyero kanyu ka buri muni. Brw6/142

Mushobora kugira ingaruka ku bibakikije, ku ngo zanyu, imiryango, akazi, abantu mwishyira hamwe, ndetse n'ibimera, inyamaswa, n'imihindagurikire y'igihe. Brw6/143

Icyo mutsimbarayeho cyose muri gatekerezi kirigaragaza. Brw6/144

Rero ni ngombwa, kugira ngo mutere imbere mu bya roho no mu bumuntu bwanyu, kumva neza ibyo ndimo ngerageza kubigisha byose. Brw6/145

Ntimutekereze ko aya Mabaruka abazaniwe akomeye cyane kuyumva, ngo mushakishe indi nzira yaba yoroshye kurushaho yo kubona umunezero. Brw6/146

Nimushaka munyemere – nta bundi buryo NYAKURI kandi bworoshye kurushaho bwo kugera ku buringanire n’umunezero mushaka – kubera ko amagambo yanjye avuga UKURI MPUZAHOSE KW’IMIBEREHO n’UBUZIMA murimo mukoresha magingo aya, mu kubaka cyangwa gusenya ubuzima bwanyu. Brw6/147

Kandi – mwumve neza ko mutazashobora kwihangira imibereho mishya, kugeza mwumvise IMPAMVU n’UKUNTU mwahanze ibibasenyera bikabanegekaza mu gihe cyashize. Brw6/148

Ibyo murimo mubaho ubu ngubu byose, mwabiremye mu gihe cyashize, mutuma bishyira nzira mukoresheje ibitekerezo, amagambo n’ibikorwa by’icyo gihe. Nuko rero, mureke kwinubira ubuzima muriho ubu ngubu, kuko ari mwebwe ubwanyu mwakoze icyo ari cyo cyose cyateye imibereho yanyu ya none. Brw6/149

Nimureke kunangira rero, maze musome aya Mabaruka kandi mukoreshe imbaraga n’ugushaka byanyu byose, ngo mutahure uburyo mwakoresheje (mu bujiji bwanyu bwa kera) kugira ngo mwangize ubuzima bwanyu mu minsi yashize. Brw6/150

Noneho mufate ingamba ngombwa ngo musukure ibonunumva ryanyu. Brw6/151

Mushobora kubaza muti: kuki ngomba gusukura ibonunumva ryanjye? Brw6/152

Reka mbabwire – ntimushobora gutera ibigori mu murima mutabanje kunyuzamo isuka ngo muhahinge, hanyuma munyuzemo ibikoresho byo gutabira kandi mufumbire. Utabizi, watera mu byatsi bibi mu butaka budacoce, ukibagirwa gufumbira, umusaruro wawe ukaba muke kandi unyanyagiye. Ni uko bigenda iyo wajandamye mu bitekerezo byawe nya-si by’ubwikubire, ukabaho mu bumenyi, imbaraga n’ubushake bya kimuntu gusa. Ugira inzitizi mu byo ukora byose. Kand, utabizi na busa, wiremera ibizatuma nyirizina umusaruro waruhiye utuba. Brw6/153

Igihe muzamenya aho mwakomotse mu by’ukuri, mugashakisha Ububasha mushobora kwishingikiriza ngo mukore icyo ari cyo cyose mu buzima bwanyu,

kandi mugatera intambwe zihutirwa ngo murandure ibyatsi bibi,

bityo mugakesha ubutaka bw’ibonunumva ryanyu,

muzavoma ku BUBASHA

buzacengera kandi bukarumbura imibereho, n’ibikorwa byanyu bya buri muni.

Brw6/154

Mwashobora kuvuga ko UBUBASHA ari yo fumbire yanyu, ariko byaba bifutanye atari na byo burundu. Brw6/155

Ifumbire ni ifunguro nya-butabire ritinyagambura ry’ibimera – naho UBUBASHA mushobora kwishingikiriza mu kuzirikana kwa buri muni, ni bwa BUZIMA buzatera imbaraga ukuba kwanyu kose, ubuzima bwanyu, ndetse n’ibimera byanyu, amatafari y’inzu zanyu n’ibikoresho byanyu, ku buryo burenze kure ukwemera kwanyu kwa none. Abantu bashyize imbaraga-bushake zabo zose mu kubaho uku Kuri, babona umusaruro ntavuguruzwa mu mibereho yabo, maze uko ‘kubona’ kukabongerera ukwemera

n’umwete. Bityo bagataha urujya n’uruza rw’imigisha. Batangazwa n’uko abandi binangira kuri uko kuri, bagahitamo kuguma hanze y’ubuzira-makaraza mu bya roho no mu by’isi umuntu ashobora kubamo. Brw6/156

Niba mwiteguye gutega amatwi, guha agaciro no kuzirikana amapaji akurikira, ***muzatangira kumva ibyahishwe kuva mu ntangiriro y’irema.*** Brw6/157

GUSUKURA IBONUNUMVA. Brw6/158

Mu gihe mukora umurimo wa ngombwa, wo gusukura gatekerezi n’imbamutima, mukoreshe amagambo yanjye yo mu mapaji abanza avuga ... **‘ICYO’ ... CYABAZANYE MWEBWE N’ISI YOSE MU BUZIMA BUGARAGARA’**, kugira ngo mwubake ibonunumva n’umushyikirano n’**IBONUNUMVA NYA-MANA** nya-maboko. Muri uwo mushyikirano ni ho hazava impumeko⁴⁶ n’imbaraga zo kurangiza isukura ku buryo burushijeho kwihuta. Uko isukura rizagenda rikoreka, ni ko muzagenda mubona-munumva bundi bushya, umunezero n’umudendezero muri buri gace k’ubuzima bwanyu. Brw6/159

Muzakira kandi amabwiriza ahumekewemo, ku byerekeye ubuzima bwanyu bwa buri muni, mu gihe muzaba murimo muzirikana, cyangwa nk’umurase w’urumuri muri gatekerezi, igihe muzaba mutuje mutekereza ibintu bisanzwe. Nimudatesha agaciro ngo mute hirya ayo mabwiriza, ahubwo mukayakurikiza – muyemera kandi mubyitondeye – muzaba mutangiye urugendo muzasoza muhinduka umuhinzi n’umusaruzi ukomeye, kandi weza ibitekerezo biremyi mu bibakikije. Ikirebana namwe cyose kizarabya, gisagambe, kirumbuke. Buri kintu kizabakundira, kinabasakazeho umugisha w’ubuzima bushya. Brw6/160

Nimukomera ku cyemezo cyo kuzirikana buri muni n’ubwitange butajegajega, bizarangira mutangiye kumva igisubizo n’icengerwa ry’**ICYABAZANYE MU KUBA**, n’amagambo mukoresha azunguka ikindi gisobanuro. Amagambo azacengerwamo n’**UBUZIMA MPUZAHOSE**. Brw6/161

Muzasendera ibyishimo munezerwe birenze urugero, kuko ubwo muzaba **MUZI** ko ububasha bubaho koko, kandi ko bukorerwa muri gatekerezi n’ubuzima byanyu. Brw6/162

Muzatangira kugenda murushaho kwishingikiriza, n’ibyiringiro byisumbuye, ububasha buzaba butangiye kugaragara mu byo mukora. ***Muzifuza gukurura abandi mubazana mu mimerere yanyu y’ubuziramakaraza bwuje imigisha, kuko bazaba babibona kandi bakabibabazaho. Si ibyo gusa – muzaba murimo mubaho urukundo rushya rwa kivandimwe, kandi muzashaka gusangiza abandi ibibaha umunezero.*** Brw6/163

Sinshobora gutsindagira bihagije uku Kuri, iki cya ngombwa cyo kuzirikana, kuko benshi barekera aho ishakashaka n’ubwihambire ku gutega amatwi buri muni, batararangiza gusukura neza ibonunumva ryabo, no kugera ku rwego rwo kugira

⁴⁶ Inspiration (*)

umutima ukeye, ngombwa mu gushyikirana neza n’**IBONUNUMVA MPUZAHOSE – Isoko y’Ukuba kwanyu.** Brw6/164

Iyo mushyikiranye – haba ibisa n’ibitangaza! Ubwo **Ububasha Mpuzahose** buba butangiye gufata iforoma n’imikusire muri roho, umubiri, gatekerezi, umutima, n’imibereho byanyu. Brw6/165

Ndababwiza ukuri – mushobora kwemera ibyo mbabwira – nimudatezuka, igihe kizagera mwumve neza ko mwakozeho, mumenye ko mwashyikiranye. Brw6/166

Ubwo muzaba mugeze mu bihe bikomeye kurusha ibindi by’imikurire nya-roho/nya-muntu yanyu! Brw6/167

Hari roho nyinshi zumva zizahutse zinishimye mu masaha make, hanyuma imihangayiko ya buri muni igasesera muri gatekerezi zazo, noneho bwa bunararibonye zikabwumvisha ubwenge nya-muntu bwonyine. Zikabuha ibisobanuro bya kimuntu. Brw6/168

Ibyo ntimuzabikore – kubera ko muzatakaza ibyo mwahawe! Brw6/169
Muzakerereza cyane iterambere ryanyu mu bya roho. Brw6/170

Nimusoma aya magambo mukumva abateye ubwoba kuyemera, cyangwa mugakeka ko ari ubusazi, cyangwa mukumva kuyemera byabatesha icyubahiro – muraba murimo murema iforoma ndemyi mu ibonunumva, izahakana igisubizo cyubaka mushobora kuba mwarigeze guha iyi Baruwa mbere. Brw6/171

Ni yo mpamvu mbabwiye nti – nimukunde ibihe byanyu by’ukwemera, muhagarare ku bihe byanyu bidasanzwe byo gushyikirana n’... **‘ICYO’ ... CYABAZANYE MU KUBA,** mubyizere, mubikomereho mu ibonunumva, bityo muzatere imbere buhoro buhoro, muzamuke ku dusongero tw’ibonunumva `nya-roho` – mu myumvire n’ibyishimo bihanitse. Brw6/172

Nongere nsubiremo, ntimushyire ku ruhande aya Mabaruruwa. Sinshobora gutsindagira bihagije, ukuntu mukeneye kuyatekerezaho, kwibuka ubutumwa abazaniye. Niba mudashoboye kwibuka, bibabere impamvu yo gusubira kuyasoma nanone, nanone, nanone, kugeza ubwo azaba yacengeye mu ibonunumva ryanyu. Brw6/173

Uko muzagenda muyazirikana buri muni, ni ko azagenda arushaho kumvikana mu bwenge bwanyu, kandi ni ko azanagira kuri mwe igisobanuro cyisumbuye. Amaherezo, muzasanga yarababereye nk’ifunguro n’ikinyobwa, bibubakira akanyamuneza n’umuhate mu gufasha imibereho yanyu ya none guhinduka iy’ubuziramakaraza, ubukure busesuye, umudendezo n’amahoro. Brw6/174

Muzabona urumuri n’ibyishimo bisesuye, igihe muzamenyera ko uburumbarare bw’**‘Icyabazanye mu Kuba’**, ari Ububasha burabagirana, busabagiza, bushimishije – burenze ubushobozi bwanyu bwo kuburota no kwishushanya mu mutwe – ni Ikirukuri - Brw6/175

ni **ISOKO Y'UKUBA** – ISOKO ya buri kintu mubona mu isi nyabuzima yanyu cyimeza, no mu nzego nyinshi z'ubuzima zirenze urwo mutuyemo magingo aya. Brw6/176

Iyo urimo usenderezwamo **Ibonunumva Nya-mana** muri gatekerezi yawe, wowe ubwawe, muri buri gace k'imibereho yawe, ni bwo utangira kubona itandukanirizo ndengabipimo; uzasubiza amaso inyuma mu bihe by'umuhangayiko n'agahinda, maze ubone ko, gahoro gahoro, inzitizi z'ubuzima bwawe zabyaye umugisha wisumbuye. **Kandi ko bibaye imigenzereze ihoraho mu buzima bwawe.** Brw6/177

Nimwishime mu mutima – koko ni JYEWE, KRISTU, uri kuBAgeraho MWEBWE n'isi, nifashishije aya Mabarurwa. Brw6/178

Ndashaka ku buryo bwihariye gutsindagira mu bwenge bwanyu, ukuntu mu mapaji abanziriza, navuze ibintu bizamura ibitekerezo byanyu ku rwego rw'ibonunumva rwisumbuye, mbereka inyungu muzakura mu gukorera kuzamura ibonunumva ryanyu, murikiza ibirango njarupfu byavuzwe ku ipaji ya mbere. Brw6/179

Ndifuzaga ko mubona neza, ko nazanywe gusa no kubafasha kwipakurura ibitekerezo n'imbamutima by'ubwikubire, bigenga gatekerezi yanyu magingo aya. Ndi hano kandi, ku bwende bwanjye, ngambiriye kubashishikariza no 'kubafasha' – yego, 'kubafasha' – gukuza muri gatekerezi no mu mutima, ibitekerezo n'amarangamutima bishingiye ku rukundo, bizabageza mu busabane n'Ibonunumva Nya-Mana. Ni umugambi wanjye wihutirwa cyane, kandi wuje urukundo, kubavana mu mwijima w'imibereho mutuyemo ubu ngubu – nkabajyana ku 'zuba' ry'ubumurikirwe nya-roho, bubategereje igihe muzaba mwashoboye kuganza irari rya jye-babona, mukaba umwe na roho yanyu na 'Buzima-Data-Mama', kandi mukerekeza mu busabane bw'urukundo rutagira ikigombero kuri bose. Brw6/180

Rero, ngiye kongera kubarondorera urutonde rw'ibibadindiza, byanditse mu mapaji ya mbere. Ndashaka ko mubisoma mwitonze, hanyuma mukitegereza uburyo mubyakira, n'uko mwiyumva igihe **mubinyuramo gahoro gahoro. Gusesereza, kunnyega, guca imanza, kunena, gusebya, kurema abanzi, kutihanganirana, urwango, ishyari, guhohotera, kugira amahane, ubusambo, ibinyoma, amahugu no kunyanganya, gutera urubwa.** Brw6/181

Uratangira ute kwipakurura ibyo uzi neza ko biri mu ibonunumva ryawe? Brw6/182

Ntiwumve ufite ipfunwe rikabije ku buryo utabasha kubihangara, kuko uri ikiremwa muntu kandi ukaba waravukiye muri ibyo byoshyo bya jye-babona. Bityo ntugire ubwoba cyane cyangwa ngo wumve nta ntege wifitemo zo kubihangara. Tera intambwe ya mbere mu butabeshya busesuye – maze ubyandike ku rupapuro. Brw6/183

Intambwe ya kabiri ni ugufata urwo rupapuro, ukaryama, maze ukarushyira ku gituzo. Uhumirize maze womoke mu gitekerezo ugana **Ikirukuri Nya-Mana⁴⁷ – Isoko yanyu y’Ukuba, ubu mwagombye kuba mwumva neza ko ari yo Mubyeyi ubabyara wuje urukundo, ‘Data-Mama Nya-roho’ nyakuri yanyu – irabagirana ititangira, ku buryo buhamye kandi buhoraho – URUKUNDO RWA KIBYEYI RUTAGIRA IKIGOMBERO.** Brw/184

Fata igihe cyo gukora ku buryo gatekerezi yawe ituzo, kugeza wumvise ko urimo urenga ibonunumva ryawe bwite. Brw/185

Hanyuma, mu kwemera kutagira amakemwa, kandi utegereje igisubizo cy’ako kanya, kubera ko urimo ukorera mu **ibonunumva**, usabe ubufasha bwo gukuraho, kuzimangatanya, no gutsinda **amatwara yo kwigizayo ya jye-babona**, afutamyeye kandi atari ngombwa, mu minsi yose izakurikira. Brw/186

Ubishyizeho umutima, ugaragarize ‘So Nya-Roho’ cyangwa ‘Ikirukuri Nya-Mana’ – bityo wigaragarize nawe ubwawe - ko utagishaka izo njarupfu za jye-babona mu ibonunumva ryawe. Usabe imurikirwa n’imbaraga zo gukora ibishoboka byose, kugira ngo uzizibukire cyangwa uzime inzira guhera uwo muni. Brw/187

Mu gukurikiza ubwo buryo bwo gukora, uba urimo urema **IFOROMA NSHYA Y’IBONUNUMVA** itangiye gucengera no gucunga ibonunumva ryawe. Brw/188

IKIGAMIZWA⁴⁸ CYAWE

ubu noneho gihindutse ukuri kwawe. Brw/189

Bya birango njarupfu wanditse ku rupapuro rwawe maze ukabishyikiriza “So Nya-Roho”, ubu biri aho bitegerereje kujugunywa, mu ibonunumva ryawe. Uko kujugunya ubihagazeho ni na bwo buryo bwo gukurura Ububasha Nya-Mana mu ibonunumva ryawe, ngo bugufashe gushimangira icyemezo cyawe, no kwibuka kwima inzira imbaduko iyo ari yo yose, ishobora kuvubuka muri ibyo birango byatawe. Brw/190

Ni yo mpamvu, nk’uko yenda ushobora kubibona – kwirekura no kuzirikana byatangije mu ibonunumva umurimo utagaragara, yenda utazanamenya, kugeza ubwo, nyuma, uzajya kubona ugasanga bya birango byarayoyotse. Brw/191

Ndagushishikariza cyane kuzirikana inshuro nyinshi ibyo birango wanditse ku rupapuro. Buri gihe ugenje utyo, uhamagara mu ibonunumva ryawe bwite, inyongera y’**ububasha bw’ ‘Ubuzima bw’Ibonunumva Data-Mama’**, mu mugambi wawe wo kuganza, no gukiza ibonunumva ryawe imbaraga n’amaforoma y’ibonunumva udashaka. Brw/192

Nibimara kuzimangana, ntibizongera gukurura mu mibereho yawe ibicucu njarupfu biteye agahinda byajyaga bikudindiza mbere. Uzaba wafashe inzira yisumbuye igana ubwigenge. Brw/193

⁴⁷ Divine Reality (*)

⁴⁸ Intention (*)

Uko uzagenda ujya mbere, uzagenda utahura mu bwenge no mu mutima, utunenge duto tw'ibonunumva mbere utajyaga ubona ko dufutamyeye; ibyo iyo bibaye, ugomba gukurikiza wa mugenzi wo kubyandika, hanyuma ukabaturana ukwemera guhamye **'So Nya-Roho'**. Brw6/194

Ubu rero hari ikindi kintu ugomba gukora kugira ngo wuzuze ivugurura ry'ibonunumva ryawe. Brw6/195

Mu mwanya w'ibi:

Gusesereza, kunnyega, guca imanza, kunena, gusebya, kurema abanzi, kutihanganirana, urwango, ishyari, guhohotera, kugira amahane, ubusambo, ibinyoma, amahugu no kunyanganya, gutera urubwa – ugomba kwandika ku rupapuro – mu **nyuguti za zahabu** bishobotse, kugira ngo zikuminjiremo ubwiza n'urumuri byabyo – ibirango nta makemwa by'**Ibonunumva Nya-mana** wifuza ko bikwigarurira – kandi ukazabigaragaza – mu gihe kizaza. Brw6/196

Kugira ngo ube mu busabane butagira amakemwa n' **'Tkirukuri Nya-mana'** cyanyu – **'So Nya-roho'**, buri kirango wifuza kizashingira ku rukundo rutagira ikigombero kandi kizateza imbere icyiza cy'abandi gisumba ibindi. Brw6/197

Kubera ko utazongera gushakisha gushyira abandi hasi, ngo wumve ko urushijeho kuba igihangange no kwigirira icyizere. Ibonunumva ryawe ryose, rizayoborwa ku gushyigikira abandi, no kubaka icyo ari cyo cyose kiri aho ushobora kugera. Uzashakisha kugaburira, kurera, kwigisha, kurengera, guhamya, kuzuriza abandi ibyo bakeneye, uzashakisha mu rukundo gushyiraho umurongo uboneye mu kaduruvayo gaterwa n'ibikorwa by'ubugoryi. Brw6/198

Numara kwandika **ibyifuzo byawe bya zahabu** ku rupapuro, wongere uryame wisohokemo ugana **'Tkirukuri Nya-mana'** cyanyu, maze usabe ko mushyiguzi nziza – **kamere y'Ubumana**, igenda imishwa gahoro gahoro muri gatekerezi no mu mutima, igahinduka ibonunumva ryawe bwite. Ibyo nibiba, roho yawe izamera nk'umushwi udondagura igikonoshwa cyawo kugira ngo kimeneke, maze uhinguke mu gitangaza cy'isi ngari, ushobore gusanga nyina itegereje irambukiwe ko umwana wayo abasha kuyigeraho. Uko ni ko bimeze kuri jye no ku zindi roho zose zageze ku gihagararo cya Kristu. Turategereza, tukitegereza, tugafasha abantu bafite inyota yo gutahura impamvu y'icyuho bifite muri roho, baganisha imitima yabo ku kurenga imirimo isanzwe y'isi, bafite gatekerezi zikururwa n'imgambi yisumbuye mu buzima, kandi bahangarije kunywana nta makemwa na roho zabo bwite, n'**ISOKO NYA-MANA** yabo **Y'UKUBA**. Dufitiye impuhwe z'urukundo abagenzi ba roho kurusha uko abo bagenzi bashobora kubikeka. Ibyo bisobanura ko dufitiye impuhwe z'urukundo mwebwe murimo musoma iyi **Baruwa**. Brw6/199

Nimwongera kunga ubumwe n'Isoko yanyu y'Ukuba, muzaba mwesheje imihigo nyayo yabazanye ku isi. Muzaba mwujuje ubutumwa bwanyu mu buzira herezo. Ubu noneho - nimureke UBUZIMA bwanyu NYABWO butangire! Muzaba mwinjiye mu Ngoma y'Ijuru! Brw6/200

Ntabwo ndibubabwire ibirango mwandikira ibonunumva ryanyu rishya – bigomba guturuka ku mibonere yanyu ya none y’igihebuje ubwiza, kandi gisumba ibindi. Mwongere mwigie **Kamere Nya-mana y’Ibonunumva Nya-mana** nabonye neza ndi mu butayu, nkayibasiganurira mu **Ibaruwa ya 1**. Brw6/201

Mureke iyo **Kamere Nya-mana** ihinduke kamere yanyu bwite. Brw6/202

Ndashaka ko mumenya ko igihe muzafata urwo rugendo nta buryarya, nzaba ndi kumwe namwe mu byo muzahura na byo byose. Ndifuzaga cyane ko muzagera aho mukamenya ko ndi kumwe namwe, kandi ko mbashyigikira, nkabaha imbaraga mu nzira yanyu yo gushaka kuba umwe n’**Ikirukuri Nya-mana**. Brw6/203

KU BYEREKEYE ‘UBUKRISTU’ Brw6/204

Ubu noneho ngiye kubaganiriza ku bintu bisanzwe, kandi uko mugenda musoma amapaji akurikira, ndifuzaga ko mwitegereza ibirimo biba ku myiyumvire yanyu, cyangwa ku kugubwa neza kwanyu. Brw6/205

Uyu na wo ni umwitozo wo kumenya ibirimo bibera mu ibonunumva ryanyu, igihe muhinduye ibitekerezo mugakoresha itsinda rishya ry’amagambo. Brw6/206

Ndabasabye, musome mwitonze amapaji akurikira, waba Umukirisitu ubihamya cyangwa utaba we, kabone n’ubwo waba ushaka rwose kuyasimbuka. Wandike ibisubizo byawe, ibitekerezo, imyiyumvire – cyane cyane buri myiyumvire ihindagurika y’agahinda cyangwa ibyishimo. Brw6/207

Wandike inomeru y’ipaji ayo magambo atangiriraho gutuma uburyo wiyumva bworoha, kandi akakuzamura ku rwego rwisumbuye rw’amahoro n’umunezero. Brw6/208

Uyu ni umwitozo ufite akamaro kanini cyane, kubera ko nutawukora, uzakomeza gusoma ibyerekeye ‘ibonunumva’ ubuziraherezo, ariko ntuzagera ku myumvire yimbitse y’ukuntu (ibonunumva) ari wo murego w’ibanze w’imibereho yawe, w’ ‘ibifatika’, w’umubiri wawe n’ibigukikije, w’ibiba mu buzima bwawe, w’IMYIYUMVIRE yawe n’ibyifuzo nya-roho byawe. Brw6/209

Ntuzigera umenya na gato ko IBONUNUMVA ari ryo mbumbabyose na buri kintu mu mibereho no mu bunararibonye byawe – kugeza igihe uzabonera ukuntu ‘ibitekerezo n’ibivugwa’ bishobora kuzamura cyangwa kumanura inkurikirane z’umuvumero w’ibonunumva ryawe. Brw6/210

Ndashaka ko mubonamunumva amagambo mukoresha mu buzima bwanyu bwa buri muni, ubuzima ayo magambo abaremera, n’ingaruka agira ku bandi – niba azamura imyiyumvire yabo mu mahoro n’ibyishimo, cyangwa niba abasiga mu gahinda kandi bacitse intege. Brw6/211

Ikindi kandi, mfite umugambi uhamye wo gushyikira abo muri mwe bayobotse idini rya Gikristu, bahanganye no gutekerwamo n’idini, byahise cyangwa biriho ubu, bigatuma basanga bitoroshye kugobotora imyumvire yanyu, muyikura mu mahame, ngo bishoboke kuyega nta nkomyi mu nkurikirane zirushijeho guhanika z’umuvumero w’ubumenyi nya-roho bwisumbuye. Brw6/212

Mushobora kuba mutinya gucibwa muzize byonyine gusoma aya mabarua – nyamara kandi abafiteho ububasha rukuruzi, kandi muriyumvamo ko murimo musoma **UKURI kw’IMIBEREHO** mutigeze mwigishwa n’abigisha banyu. Mwabuze amajyo hagati y’icyifuzo cyanyu gikomeye cyo kumenya Ukuri, n’ubwoba mufite bwo kudashimisha ‘Imana’ uko ari ko kose mu ‘Y’umva ubu ngubu. Brw6/213

- **Jyewe, Kristu**, nzi neza akaga aya **Mabarua** arimo atera abantu benshi bataryarya, kandi ndifuzaga cyane kubafasha kwambukiranya impungenge zanyu, mukagera ku mahoro ya gatekerezi no ku byishimo bisesuye. Brw6/214

Kubera iyo mpamvu, ni ngombwa cyane kubanza gusesengura ibyemerwa byanyu bya none, n’inkomoko y’amahame ya kiriziya, mbere yo gukomeza kubigisha Ukuri kurushijeho kwimbika, kwerekeye ‘kamere’ y’Impuzahose na kamere ya muntu ubwe. Brw6/215

Kugirango mushobore kumva inkomoko y’amahame ya Gikristu, mugomba kugenda kigongogongo mu gihe, kugera ku ntangiriro y’Ubuyahudi, mukahasanga ‘ibisanubwenge’⁴⁹ bya gatekerezi ya muntu, yageragezaga gusobanura mu magambo ibyo abantu biyumvaga nk’isoko ishoboka y’ukuba. Brw6/216

Abo muri mwe murimo muhatanira kwigobotora imigani ya kera n’ibyemerwa bifutanye, mugomba, ubu, kugera aho mwibonera bisesuye – kandi **mukumva neza** – itandukanirizo remezo hagati y’ ‘icyemerwa cya kiriziya’, n’**UKURI kw’IMIBEREHO** ubu ndimo ngerageza kubasobanurira. Brw6/217

Kugeza mubashije kubona neza ‘inkomoko n’iforoma y’ibyemerwa byanyu bya none’, ntimuzashobora kwipakurura za balinga kiriziya yabatekeyemo mu gihe cyahise. Muzagira ‘ikirenge hamwe n’ahandi’ – uburyo budahwitse bwo guhagarara. Iyo myubakire-mutwe izabyara amakimbirane akomeye muri gatekerezi, kandi ishobora gutuma murekera aho gushakashaka, mukisubirira muri ya maforoma nya-dini ashaje, abahumuriza akanabaha amahoro ku mutima, ariko atagira aho aberekeza. Nimube maso rero, kandi ntimukiyemerere guterwa ubwoba n’ibikangisho ngo byo kudashimisha ‘Imana’ no gucibwa. Brw6/218

INKOMOKO Y’UKWEMERA ‘IMANA-GITI’ Brw6/219

Rero turatangira tuvuga inkomoko y’ukwemera ‘Imana’, izina ryasobanuye ibintu byinshi binyuranye ku nyokomuntu. icyo cyemerwa cyatangiyeye igihe Abahebureyi ba kera bagendaga mu butayu, bibaza amavu n’amavuko y’irema. Bishushanyaga mu mutwe ko **ISOKO Y’IREMA** yagombaga kuba byanze bikunze ari ‘igisumba umuntu

⁴⁹ Rationalisations (*)

muntu-mana' kitagaragara, kandi kirenze isi kure n'inyokomuntu. Bamwe mu bahanuzi ba kera bari bazi, mu rwego ndengakamere, ko Isoko y'Irema yari hose – ku buryo butazwi – mu biremwa byose, kandi ikanagira inteko yayo mu rwego ruhoraho, ariko ubwo bumenyi ndengakamere bwari burenze gatekerezi nya-muntu isanzwe. Brw6/220

Mugomba kandi kumva ko, n'ubwo hariho 'igisa n'ukuri' (mu mitwe yanyu) cy' 'Imana' nk'iyi kubera ibyo mwasomye muri Bibiriya, nta n'umwe wigeze arabukwa na rimwe icyo 'gisumba umuntu muntu-mana' mu iforoma iyo ari yo yose, uretse yenda Musa wahamije ko yaMubonye mu 'gihuru kigurumana', akavuga ko ngo Yirondoye avuga ngo 'Ndi icyo Ndi'. Brw6/221

Ibyo rubanda bamenye byose kuri iyo 'mana' y'igisumba umuntu, babivanye mu byo basomye mu mvugo itatse amabara ivuga 'Imana', yakoreshejwe n'abahanuzi igihe bari ku isi. Ni ikirango cy'ukuntu ibyemerwa nya-dini ari balinga, kuba abanyamadini bajya gushakishiriza 'ukuri' kwabo gusa ku bakurambere, kuko badashobora nyine kwemera ko 'Imana' ibaho koko, ihoraho kandi ishobora kuvugisha abantu mu minsi yanyu no mu gihe cyanyu. Brw6/222

Abaherezabitambo banyu bakangaranywa n'ibyemerwa ibyo ari byo byose bitabasha kwivanga n'ibishaje. Ntibajya na rimwe baha agaciro – cyangwa bafite ubwoba bwo guha agaciro – ko yenda ubumenyi nya-roho, ku rwego rw'isi – bushobora kugenda bukura. Brw6/223

Ndashaka ko 'mwibonera' ko 'ingizi y'ibyemerwa'⁵⁰, imvange y'ibisanubwenge n'ibyemerwa, yahimbahimbwe ngo ikore urushundura nk'urw'igitagangurirwa rw'umutekano nya-gatekerezi/mbamutima, bakoresha ngo bazingazingire muri uwo mutego gatekerezi n'imitima bya rubanda. Ibyo rubanda bigishwa mu kwemera kwa Gikristu, ni inkuru mbarirano zishingiye ku marangamutima, zikurwa mu byavuzwe rugikubita ku buzima n'urupfu byanyje ku isi. Nyamara ibi bikemerwa byo gutoteza abatabyemera. Brw6/224

Abakirisitu barigishwa ngo : 'Imana ni Urukundo – kandi Imana izi ibyaha byanyu, irahana, ishyira ku murongo, ihemba abakora neza, yoherereza ibyago abagirani'. Ibi ni imvugo ishushanya byuzuye ubukozi n'ibonunumva nya-muntu. Brw6/225

Abakirisitu bigishwa ko ngo **Jyewe, Kristu**, mu muntu 'Yezu', 'napfiriye ibyaha by'isi'. Brw6/226

Ngo nari 'intama y'Imana itagira inenge, yatanzweho igitambo cyo kwishyura ubucumuzi bwa rubanda! Ngo naba naritanzeho igitambo gihebuje, kugira ngo nuzuze icyo gikorwa cy'ubutwari cyo kuba 'indishyi y'icyaha', uko ibihe byagiye bisimburana. Brw6/227

Ngo narongeye nsubira mu mubiri wanjye nyuma yo gupfira ku musaraba, maze mboneka incuro nyinshi **mu mubiri wanjye**, kugira ngo mpoze kandi nigishe

⁵⁰ Fabric of belief (*)

abigishwa banjye bari ku kiriyo. Ngo ndetse nanariye ibiryo ndimo mbabonekera. Brw6/228

Ngo nyuma y'iminsi 40, narazamutse nitarura amaso y'abigishwa banjye, njyana umubiri wanjye mu 'ijuru'. Brw6/229

Nk'uko nabibajije mu **Ibaruwa ya 3**, ni iki najyaga kumaza umubiri nya-muntu mu 'ijuru' – mu buzima bwo hakurya y'urupfu? Brw6/230

Kubera ko, igihe nasangiraga n'abigishwa banjye bwa nyuma, navuze ko bari bakwiye kujya bibuka iryo funguro ryanjye rya nyuma hamwe na bo, bamanyura umugati bakawuherekeranya, kandi bagasangirira ku nkongoro imwe ya divayi, bakibuka ko umubiri wanjye wabambwe, n'amaraso yanjye akamenwa, kugira ngo mbazanire **ukuri kw'ukuba**, iyo ngwiririzi yahinduwemo iki cyemerwa gitangaje ko, n'ibikabyo byinshi n'imihango kuri altari, umubiri wanjye winjizwaga muri za hostiya abahazwa bagombaga kumira n'icyubahiro cyinshi. Brw6/231

Umubiri wanjye! Ni iki cyiza 'Umubiri' wanjye – waba warahinduwe cyangwa utarahinduwe 'nya-roho' – wamarira uhazwa? Brw6/232

Mushobora kubona ukuntu gatekerezi ishobora gutekerwamo kwemera intanabwenge, ishobora kumara imyaka hafi ibihumbi bibiri, kubera ko yari ishyigikiwe n'urwego rw'ubutegetsi rukomeye rugizwe na Papa, Abakaridinali baba mu ngoro n'umutungo utagira ingano, kandi (iyo ntanabwenge) igashyigikiwa n'imitako y'isi irabagirana n'imihango y'ikirenga? Brw6/233

Ndashaka ko mumenya ukuri kuri rya joro ntarengwa – icyo mwita Isangira ryanjye Rya Nyuma. Brw6/234

N'ubwo bimbabaza kubikora, kugira ngo birusheho gusobanuka, nimanuye mu nkurikirane z'umuvumero w'ibonunumva, kugira ngo mpite ninjira mu iyibukiro ry'ibitekerezo n'imyiyumvire yanjye, mu gihe cy'isangira ryanjye rya nyuma n'abigishwa banjye. Brw6/235

N'ubwo nari umugabo uhamye, wamurikiwe kandi waruzi neza ko nari mfite ubutumwa bwo kuzaza ntashoboraga kuzibukira – ntashakaga gukikira – nari nafite agahinda kenshi igihe twatangiraga ifunguro ryacu – gusangira Pasika. Abigishwa banjye bari barambereye incuti, kandi barambaye hafi mu bihe bimwe by'ibibazo bikomeye. Nari mfite agahinda ko kubasiga, kandi mfite amakenga ku byerekeye imibereho myiza yabo. Brw6/236

Ni iki cyajyaga kubabaho igihe bajyaga kwisanga ari bonyine, ntagihari ngo mbayobore kandi mbarengere? Bari barabeshejweho nanjye kurusha uko bari babizi. Brw6/237

Nibutse imyaka namaze nigisha rubanda. Numva ndisetse ndimo nibuka igihe navaga mu butayu – nanduye kandi ntiyitayeho, ariko ngurumana ibyishimo byo kwita ku bantu bagenzi banjye, nshishikajwe cyane n'uko

nashoboraga noneho kubashyira mu nzira iboneye, gutera muri gatekerezi zabo ukuri ku byerekeye imibereho, nkabereka ukuntu bashobora kwigobotora ubwoba, indwara, ubukene, ubutindi. Nari ngiye kwigarurira isi! Brw6/238

Nyamara mbega ukuntu byari byaragenze ukundi! Ejo nagombaga kunagana ku musaraba! Brw6/239

Nyamara byari ukuri – hari byinshi nari naragezeho. Natekerezaga ikizwa ry’abarwayi, n’ukuntu rubanda yakiranye ubwuzu ‘Data Ukunda’. Nashoboraga kumva impamvu Umuherezabitambo mukuru n’Inama banziraga. Mu mwanya w’ubwoba, ibihano, n’ibitambo by’inyamaswa, nari narazaniye rubanda amanyakuri y’Urukundo rwa Data’, nkarwerekana mu gukiza abarwayi barembye. Brw6/240

Nuko ngeze aho ngaruka ku bigishwa banjye baganiraga bafungura. Bari batarakamenya ikigeragezo cyari kintegereje – ibambwa ryanjye. N’ubwo nari narababuriye inshuro nyinshi, bangaga kwemera ko amagambo yanjye yari ukuri. Batekerezaga ko nageze aho ngatangira gutinya Umuherezabitambo Mukuru, bakibaza impamvu. Brw6/241

Mbere nari narivanye jyeniyine aharindimuka. Brw6/242

Nk’uko byari akamenyero kuri Pasika, bavugaga ukuntu Abayisiraheli bahunze bava mu Misiri. Yohani, wari inshyanutsi, yababwiraga mu mvugo itatse, ukuntu Musa yakoranyirije hamwe Abayisiraheli akababwira ko, kera kabaye, bari bagiye guhunga Misiri bakigobotora ubuzima bwa gicakara, bakinjira mu bwigenge mu butayu! Kubera iyo mpamvu, Musa yategetse buri mutware w’umuryango kwica intama y’isugi, hanyuma bakoresheje ibyatsi, bagasiga amaraso ku bizingiti by’inzugi z’inzu zabo. Musa avuga ko abamalayika bazaza nijoro, bakazenguruka Misiri bica imfura z’Abanyamisiri n’uburiza bw’amatungo yabo, bagasiga gusa imfura z’Abayisiraheli kubera ayo maraso bazaba basize ku bizingiti by’inzu zabo. Brw6/243

Uko nabumvaga, nkanabona ukuntu barimo baseka bazunguza imitwe nk’abemera ibyo bumva kuri icyo ‘gitangaza’ cyabaye, numvana impungenge nyinshi ukuntu ari gake bari barumvise ibyo nababwiye kuri ‘Data wo mu Ijuru’. Numvise Yohani avuga: amaraso, amaraso, amaraso – amaraso y’intama y’isugi, amaraso ku bizingiti by’inzugi, amaraso mu bana b’Abanyamisiri no mu matungo. Ndushaho gutangarira ukuntu, mu myaka amagana n’amagana, Abayahudi batahwemaga gutekereza amaraso, mpita nibuka ko n’Aburahamu yari yiteguye gutamba umuhungu we w’ikinege, ashaka kumwica no kumutangaho igitambo, kuko yemeraga ko ngo ari Imana yari yabimutegetse. Noneho ntekereza ibitambo bya buri muni by’inyamaswa muri Hekaru! Kuri jye, icyo gitekerezo cyose cyo ‘kumena amaraso’ nk’indishyi y’icyaha’ cyari ishyano rihebuje. Brw6/244

Ariko narakomeje ndicecekerana sinajya impaka na bo. Nabonye ko mu mitwe yabo hari hapakiyemo iyo migenzereze gakondo, ikomeye kandi iramye nk'urutare. Bwari ubwa nyuma dufatiye ifunguro hamwe, ifunguro rya nyuma ku meza amwe. Wagombaga kuba umwanya w'amahoro hagati yacu no gusezeranaho mu rukundo. Brw6/245

Ku bigishwa banjye, uwo mwanya wari ukomeye nanone kubera ko Pasika y'Abayahudi wari umunsi mutagatifu mu bwenge bwabo bwa Kiyahudi, kandi nagombaga kubyakira ku nyungu z'urukundo n'ubwumvikane. Brw6/246

Mbere yaho ntabwo nizihizaga Pasika kubera ko uwo muco nari narawuzinutswe. Nahitagamo kujya mu misozi kuzirikana mu mutuzo, nkareka abigishwa banjye bakajya gusangira Pasika n'imiryango yabo. Brw6/247

Kubera iyo myitwarire yanjye mu gihe cyashize, uguceceka kwanjye ntikwigeze kubatangaza. Brw6/248

Ubu noneho nari hagati yo kuryama no kwicara, ntabasha kwirekura nk'uko nari mbisanganywe – imitsi ireze, ngagaye, mfitiye impuhwe zuje ubwuzu abigishwa banjye – ariko banambujije amahoro. Brw6/249

Nibazaga urwibutso nashobora gusigira abo bayoboke babuze uburyo, basa n'abasinziriyeye – umuhango runaka wagarura muri gatekerezi zabo zivangavanze, ibyo nagerageje kubigisha. Nashakaga kubacugusa ngo bave mu kuraburwa n'amaraso. Brw6/250

Mu gihe nabumvaga bavuga Musa n'ibitangaza binyuranye yakoraga, binzamo ko, ubwo bari bitaye bigeze aho ku maraso – najyaga kubaha amaraso ngo bajye bayanyibukiraho. Brw6/251

Ndunama ku meza mfata umugati, nywumanyuramo uduce twinshi mpita mvuga nti: 'ndi nk'Intama yanyu ya Pasika. Nimuhererekanye uyu mugati, buri wese afate agace ke, murye, muzajye mubikora munyibuka, jye wabazaniye UKURI konyine nyako isi yabera yigeze yumva. Brw6/252

Uyu mugati ube urwibutso rw'umubiri wanjye ugiye kumanyurwa ku musaraba. Brw6/253

Barekera aho kuvuga baranturumburira batangaye. Ndababwira nti: 'nimukomeze, murye!' Brw6/254

Nk'abarota, bafata bitonze umugati barawuhererekanya, buri wese akanjakanjaho akamanyu. Brw6/255

Hanyuma mfata igikombe kinini cya divayi, ndababwira ngo buri muntu asomeho, ahereze abandi. Brw6/256

'Iyi divayi ni urwibutso rw'amaraso yanjye. Naje mbazaniye UKURI. Ukuri kwerekeye Imana – Ukuri kwerekeye ubuzima. Ariko sinakiriwe. Amaraso yanjye agiye kubamenerwa'. Brw6/257

Nanone, mu bucece, buri wese asomaho, ahereza umukurikiye. Bari bakambije agahanga, ariko ntibagira icyo bavuga. Byagaragaraga ko bose bari bashenguwe n'amagambo yanjye, kandi ko batari bayishimiye. Brw6/258

Nari nzi ko Yuda yari yarahawe amafaranga kugira ngo azantungire agatoki abasirikare b'Umuherezabitambo mukuru igihe kigeze. Nari nzi kandi ko icyo gihe cyagombaga kuba iryo joro rya Pasika. Mbwira Yuda nti : 'Ihute maze ukore ibyo ugomba gukora'. Brw6/259

Yuda arandeba, umwanya munini, mbona mu maso ye agahinda no gushidikanya. Yashakaga guhindura ibitekerezo, ariko igihe cyanjye cyari cyageze, kandi nashakaga ko bikorwa bikarangira. Brw6/260

Ndamukankamira nti 'Genda se'. Yuda arahaguruka arasohoka. Brw6/261

Abigishwa batangajwe n'ukuntu namubwiye, bambaza icyo yari agiye gukora. Brw6/262

'Agiye kubwira Umuherezabitambo mukuru aho bansanga. Bagiye kumbamba – neza nk'uko nabibabwiye'. Brw6/263

N'impuhwe nke zuzuye umubabaro, mbona mu maso yabo byinshi binyuranye, gushidikanya, kumirwa, ishyano. Nuko batangira kwibaza ibibazo byinshi barakaye. Byari kuzabagendekera gute? Bari barataye ingo n'imiryango ari jye bakurikiye. None niba nari ngiye kubambwa nk'umugome usanzwe, bari bagiye gutakaza ubuzima bw'ubwigenge n'umutekano. Brw6/264

Mbabwira ko bari buzantererane. Bahakana bivuye inyuma ikintu nk'icyo – ariko nyine barabikoze. Brw6/265

Nari ninaniriwe cyane, nta mbaraga mfite zo kujya impaka na bo, kandi narakuze mu gukomera no gutekana mu bumenyi ko 'Data' yari muri jye – kandi ko yari kumwe nanjye mu bihe byose, ku buryo nashoboraga kwiyemerera kubababarira ubuhemu bwabo. Brw6/266

Kandi, ku musozo w'ibyo byose, najyaga kubohorwa umubiri wanjye, nkabasha kuzamuka mu ngoma z'Urumuri nari narumvise kenshi, ariko ntari narigeze na rimwe mbasha kubonesha byuzuye amaso yo ku isi. Cyari igitekerezo cyampumurizaga cyane, kandi kikampa gutegereza nishimiye. Brw6/267

Bityo ndabasekera ndababwira nti: 'Ni byiza ko mwakoze ibyo nabasabye kuzakora munyibuka – n'urupfu rwanjye rwegereje. Muzakomeze gusangira umugati na divayi, mwibuka ko nabakunze ubuzira herezo, kandi ko nzagumana namwe kuri roho kugeza munsanze aho ngiye. Ntimugire ubwoba, muzayoborwa, muzamurikirwa, muzahabwa ubutwari, kandi muzavuga n'ijwi riranguruye, ritagira amakaraza'. Brw6/268

'Icyo nababurira cyonyine ni iki. Mu gihe kizaza, byinshi nabigishije bizibagirana. Byinshi nababwiye bizayobeshwa n'imitekerereze nya-muntu, cyangwa bigorekwe n'imigani nya-muntu. Brw6/269

Bariyamirira bafite ubwoba bati: 'Ni gute ibyo bizashoboka?' Brw6/270

Ndaseka nzamura amaboko. 'Nababwiye ibizaba mu gihe kizaza kera'. Brw6/271

'Hagati aho muzakomere ku byo nabigishije, kandi ntimuzashidikanye ku ijamba na rimwe navuze'. Brw6/272

Igihe cyari kigeze cyo kujya mu busitani bw'Imizeti, aho abasirikari b'Umuherezabitambo mukuru bagombaga kuza kunshaka. Brw6/273

Abigishwa banjye bashakaga kumbaza ibindi bibazo – ariko nari nageze ku ndunduro y'ibiganiro byanjye n'abantu. Nifuzaga gusa kwitegura ikigeragezo cyanjye mu bucece bwuzuye, ngenda muri roho ngashyika mu busabane n'umushyikirano na 'Data' ku buryo butekanye kandi buhamye. Brw6/274

Turagenda tujya mu busitani, njya kwiherera mu rutare nakundaga. Nikinze umuyaga, ndicara hanyuma nkurura igishura ndifubika. Ndahumiriza, buhoro buhoro numva ndagenda ninjira mu mutuzo wa roho ukomeye, no mu bucece bwuzuye imbaraga. Nuko Ububasha ubwabwo buramanuka buncengeramo, bwigarurira gatekerezi n'umutima byanjye. Bunsendereza urukundo ruhebuje ku buryo namenye ko nshyigikiwe kandi mfashijwe mu rukundo, ko nzashobora kugumana urukundo rwanjye kuri bose, icyambaho icyo ari cyo cyose. Brw6/275

Icyo ni cyo cyonyine cyari ngombwa, ubwo isaha yanjye yari yageze. Brw6/276

Uko ni ko kuri, kuri inyuma y'imanyura ry'umugati no kunywa divayi nk'urwibutso rwanjye, rw'ubuzima n'inyigisho zanjye. Kandi nk'uko mwebwe murimo musoma iyi **Baruwa** mubizi, ibyo 'Data' yampaye kumenya mu ijoro ryanjye rya nyuma ku isi, byose byaje kuba. Brw6/277

Kubera ko navuze 'Data', 'Mwana', na 'Roho Mutagatifu', kiriziya mu Nama yayo Rusange y'i Niseya, yahamije ko ngomba kuba narerekezaga ku 'Baperisona Batatu muri Umwe'. Ni yo mpamvu abantu basenga 'Data' basaba inyungu, bagasaba 'Roho

Mutagatifu' kubigisha ibyerekeye roho, bagasenga 'Mwana' ngo abakize ibyaha byabo. Brw6/278

Mushobora gutangira 'kubona' ukuntu ibyo byemerwa ari ibinya-si, n'ukuntu byahanzwe kimuntu? Brw6/279

Mushobora se kandi no kubona ukuntu 'byubakiye ku mbamutima'? Brw6/280

Kubera gukoreshwa n'amarangamutima, n'isezerano ryo 'kujya mu ijuru ku buntu ukurikiye Umukiza', ibyemerwa byahindutse inyubako y'idini itekereje kimuntu ngo isharage ubwami-nyabami bwa Kiriziya rwagati mu bwami-nyabami bwo ku isi – Roma, Otrishiya, Hispaniya. Byabaye urwitwazo rw'iyicarubozo rya kirimbuzi, gutwika no kwica ababibona ukundi. Byabaye impamvu y'intambara nyinshi hagati y'ibihugu. Brw6/281

Ariko 'imibonere nya-roho' n' 'ubuhanzi' byakomokaga kuri bimwe mu byemerwa, yazaniye byinshi imibereho mu myaka ibihumbi bibiri ishize. Brw6/282

Ibyo byemerwa byabaye impamvu yo kubaka za katederali na za kiriziya, ibigo by'abamonaki n'abihayimana, biha rubanda intego zihamyeye, ububasha bwo kwerekana impano zabo z'ubugeni, n'akazi ku baciriritse. Ibyemerwa byayoboye kandi ibonunumva rya rubanda nyamwinshi ku nzego zisumbuye z'igitekerezo cyiza n'urukundo. Byanabaye ndetse na mushyiguzi yari inyuma y'uburengakamere n'imurikirwa, igihe roho nya-roho zageze aho zibasha kubona ***Ikirukuri*** ibyo byemerwa byari byabanje gupfukirana. Brw6/283

Igihe ibyo byose byarimo biba, ibyemerwa byaremye kandi ibya ngombwa ngo imbariro z'ubusumba-abandi⁵¹ nya-dini zitangire gukura, kimwe n'ubuhangange n'ubukungu ndengabipimo. Izo ni inyubako zatekerejwe kimuntu kandi ziremwa na 'mushyiguzi za jye-babona'. Ni yo mpamvu, uzirebye uhagaze ku rwego nya-roho, usanga nta reme na busa. Brw6/284

⁵¹ Superiority (*)

UKURI KU BYEREKEYE 'ICYAHA' Brw6/285

Bigomba kandi kumvikana ko mu myaka amagana n'amagana, abantu bumvise ko imyitwarire imwe n'imwe y'umuntu ishobora kubangamira imibereho myiza y'abandi. Babonye ubwicanyi, kwiba umugore w'undi cyangwa imitungo ye, gutera umubabaro n'agahinda mu muryango, gutuma ubuzima bugorana, rimwe na rimwe umuntu ntashobore kubwihanganira. Batekereje ko byanze bikunze iyo myitwarire igomba kuba ihabanye n'ugushaka kw'icyo bise 'Imana'. Iyo myitwarire bayita 'icyaha', bayirempera inyito 'ikibi'. Birangira abahanuzi babo batekereje ko, imyitwarire nk'iyi y'ubuyobe, igomba kuba ituruka ku kinyamaboko 'kibi' gishyamiranye n'Imana, maze bakita 'Shitani'. Brw6/286

Baterana ubwoba, bashakirana ibihano, bemera ko 'ibyaha' byari ikibi kandi ko 'Imana' yabo yajyaga guhana abantu kubera ukugirirana nabi kwabo. Iyo myitwarire iracyariho mu kiriziya za none. Abanyamadini bagerageza kugenzura rubanda bakoresheje iterabwoba. Brw6/287

INSHOZA⁵² Y' 'ICYAHA' kuri Yehova, Uhoraho n'Umuremyi Nyirububasha buzira iherezo, bwari uburyo bwa gihanga kandi bufite imbaraga bwo kugenzura rubanda! Brw6/288

Ibyemerwa bya Kiriziya byigana bitesha ireme ku buryo bubabaje ibyo nagerageje kwigisha rubanda muri Palestina. Brw6/289

Musa ni we wabanje gushimangira icyemerwa cy'icyaha' n' 'impongano' mu iforoma y' Amategeko Cumi. Brw6/290

Musa yavuze ko yayahawe n' 'Imana', kandi ko Abayisiraheli nibayica bazagomba kwemera guhanwa – ibi byavugaga rimwe na rimwe kwicishwa amabuye. Abayisiraheli bigishijwe ko mu kwica Amategeko bari kuba barimo bacumura ku 'Mana' yabo. Brw6/291

Ukuri nyako ni uko Musa yagiye ku musozi gusenga ngo abone uburyo bwo gucunga ibisare by'Abayisiraheli. Nk'igisubizo cy'iryo sengesho – yahawe Amategeko Cumi ayahumekewemo ngo amufashe mu kazi ke ko kwambutsa Abayisiraheli ubutayu nta mpagarara nyinshi. Brw6/292

Abanyamadini b'abahezanguni bishimira kwakira, no kwemera n'umutima wabo wose, 'Imana' ngo yabwirije Musa kugaba ibitero no gutsembatsemba, mu gihe cyo kwigarurira 'igihugu cy'isezerano'. Ubutaka bwiza burumbuka bwambuwe nta mpuhwe abantu bari abakozi, barabatsembatsemba ibihumbi n'ibihumbagiza. icyo bumvaga ari cyo gikwiye gukorwa, kuva 'Imana' yari yarabasezeranyije igihugu cyiza cyo guturamo. Kugeza magingo aya, abanyamadini b'abahezanguni bemera ko kuva 'Imana' yaravugishije Musa, bigomba kuba ari 'Imana' yategetse ugusesa amaraso kwakurikiyeho. Muri Bibiliya yanyu, hari izindi nkuru nk'izo nyinshi, z'intambara n'isesa

⁵² Concept (*)

ry'amaraso bifatwa nk'ibyemewe – biri byo kandi bitunganye – kubera ko byemerwaga ko 'Imana' yababwirije gushoza intambara ku Banyamahanga. Brw6/293

Ubwo ntimushobora kubona, mu mateka y'Abayahudi, ingufu-nyobozi za jye-babona yiyorobeka, ikoresha n' 'Imana' ubwayo kugira ngo birinde kugawa? Igihe cyo kwaguka kigeze, byaremewe kandi bihindurwa **ubutabera** kutita kuri ya Mategeko Icumi no kuryoherwa no gutsembatsemba. Brw6/294

Bumvaga nta cyaha bakoze kuko iryo tsembatsemba ryabaga ryategetswe n' 'Imana'. Mbega 'Imana'! Brw6/295

Ubwo se ntimushobora kubona nanone, impamvu byari ngombwa ko mvukira muri Palestina, kugira ngo mbe mu Bayahudi, ngerageze kubafasha kubona ko ibyemerwa byabo, n'imigenzo yabo gakondo, byari bihabanye cyane na **Kamere** ubwayo y'**IBONUNUMVA NYA-MANA**, yari yarabahaye mu by'ukuri ukuba? Brw6/296

Guhera icyo gihe, mu binyejana byakurikiyeho, abantu barwanye n'iyi nshoza y' 'icyaha', kandi benshi bataryarya bababajwe n'ukuntu bacumura ku 'Mana', maze basaba imbabazi. Mu bihe bya kera batambaga inyamaswa zitabarika mu Hekaru y'i Yeruzalemu, kugira ngo bagorore⁵³ 'Imana' kandi bizere kwigobotora ingaruka z'ubucumuzi bwabo. Guhera ubwo handitswe ibitabo bitabarika kuri iyo nsangayamatsiko, bivuga agahinda n'ukuzinukwa biterwa n'uko roho z'abantu zabaye, bashakisha inzira zo guhindura imyitwarire yabo, bikubitisha imigozi ngo bice urubuzo umubiri w'inyama, bawuryoze ubugiranabi bwawo mu bitekerezo, amagambo n'ibikorwa, kandi byinshi muri ibyo bitabo byakiranywe amashyi n' 'Abakirisitu' mu Burayi bwose, bibikwa mu bushyinguranyandiko bw'ibigo nya-madini. Brw6/297

(Ibyo bitabo) bibohera abantu ku bumuntu bwanjye bushaje bwa 'Yezu', byigisha 'ikizwa rya muntu, (akizwa) ibihano bikomoka ku byaha bye', (akizwa) n'urupfu rwanjye ku musaraba. Nk'uko nabisobanuye ahandi, ibyo byemerwa ntibishoboka ku rwego nya-bifatika, kandi bihabanye n'ibikorwa by'irema. Nta nyishyu y' 'icyaha' isabwa n' 'Imana' yaba iri hejuru. Icyo ni igitekerezo cya muntu ubwe ku giti cye – kandi cya gipagani. Ubumenamaraso ubwo ari bwo bwose, uko wabuvuga kose, bukorewe kuzuza imihango y'idini, buba ari ubupagani. Kiliziya Nkirisitu nta kindi yeretse abayoboke bayo, usibye iforoma y'ubupagani yahawe 'ikuzo'. Brw6/298

Iyo abantu barimo batera abandi ibibazo mu buryo ubwo ari bwo bwose, baba barimo barema ibizabagarukira mu gihe kizaza. Si igihano, ahubwo ni 'ubukozi bw'irema bw'ibonunumva' Brw6/299

Rero, ni ikintu cyihutirwa cyane ko, ibyo byemerwa by' 'icyaha' n' 'ikizwa' riturutse ku rupfu rwanjye ku musaraba', byagombye kurwanywa umuntu yivuye inyuma, bigasimburwa n'imyumvire nya-roho muhabwa muri aya **Mabaruwa**. Brw6/300

Mbere yo kuva kuri iyi nsanganyamatsiko y'amahame nya-madini, ndifuzza kumvikanisha neza ko abashakashatsi mu bya roho bamwe, bo mu kiliziya Nkirisitu,

⁵³ Appease (*)

uko ibihe byagiye bisimburana, basukuye bihagije ibonunumva ryabo, kugira ngo babone-banumva **'Ububasha'** bise 'Imana', kandi bageze aho babona neza ko, **'Isoko y'Ukuba'** itari uko yigishijwe na Kiliziya. Ariko **bake** cyane ni bo bashoboye gutera imbere bihagije mu bya roho, kugira ngo barenge ibipimo by'ibyemerwa nya-madini, maze biyumvemo gusenderezwa 'Ububasha', kuko abenshi cyane muri rubanda babasha kumva Ukuri gusa mu mbibi z'imivugire yo ku isi. Brw6/301

Jyewe, Kristu, ngomba kubabwira ko kugeza ubu, nta n'umwe mu 'batagatifu' wigeze yemwe anarabukwa ikirukuri cy'irema, n'ukuri kuri inyuma y'imyitwarire nya-muntu uko ndimo nyibasobanurira. Brw6/302

Igihe kirageze ngo mubwirwe nta kabuza ukuri ku byerekeye 'icyaha' n'imyitwarire y'umuntu, n'ibyo abantu barimo bakorera isi batiretse – mupfa gusa kuba mwarigobotoye imigani ishaje y'inyigisho z'idini, mukaba ubu mushishikariye kwakira, no gufungurirana ibyishimo imitima yanyu, ibirukuri by'imibereho. Niba atari uko biri, ntacyo muri bwiyumvire mu byo ngomba kuvuga. Brw6/303

Nimunyemere – ntimushobora kuvanga ibyemerwa nya-madini byanyu bishaje n'**Ukuri kw'Imibereho**. Nimugerageza kubigenza gutyo, mushobora kwemera ko atari **Ukuri** muri bube mubona, ahubwo ari gusa igihangano cyanyu bwite cy'ibyo mwibwira ko mwungutse muri aya mapaji. Brw6/304

Nimukomeza gushakisha Ukuri kw'Imibereho, ariko mugahera mu maburahitamo y'imyemerere, byashoboka ko mukomeza ubushakashatsi bwanyu mwihombya bikabije, mwabuze amahitamo, mwugarijwe n'ubwoba, no gukomeza kugira ubushobozi buke bwo kumenya igisobanuro nyacyo cy'inyigisho nshya. Imyumvire yanyu irimo igenda itera imbere izasobwa mu ruhande rumwe n' 'ubutumwa' bupfupfunuka mu bitekerano bishaje bya gatekerezi yanyu iboninumva, na getekerezi yo munsu y'ibonunumva. Birashoboka ko ubungubu mudashobora kwiyumvisha uburengabipimo bw'ikibazo nk'icyo, ariko ni ikibazo cy'inganzamarumbo, kubera ko ibyemerwa byimbitse byanyu bya none, ari byo kuri kwanyu ubu mwubakiraho ubuzima bwanyu bwa buri munsu. Ni byo kirukuri **cyanyu**. Ibitekerezo mwagize ukuri, n'ibyemerwa mutsimbarayeho, bishobora kuba ari balinga zuzuye, ariko niba mubyemera koko muri gatekerezi yanyu iri munsu y'ibonunumva, bihinduka rwose nyabyo kuri mwe. Utitaye ku mbaraga ibitekerezo bishya ibyo ari byo byose bivuguruza ibyemerwa byawe byaba bihamagarana ukubwitaho kwawe, ibonunumva ryawe rizasandara maze ritume wumva umerewe nabi cyane – ndetse rigutere guhangayika. Brw6/305

Mwibuke – ibonunumva ryanyu ni yo ngizi⁵⁴ mudodamo ubuzima bwanyu. Brw6/306

Iyo ngizi y'ibonunumva ni yo muheraho musubiza buri kibazo kivutse mu buzima bwanyu, haba muri gatekerezi, mu mbamutima cyangwa mu mubiri. Ibonunumva **ryanyu** ni ryo kirukuri **cyanyu**. Brw6/307

⁵⁴ Fabric (*)

Iyi nteruro ishobora kuvugwa ku buryo bubiri, kandi bwombi ni ukuri kw'imibereho yanyu. Brw6/308

Ibonunumva **ryanyu** rirema ikirukuri **cyanyu**, hatitawe ku bishobora kuba bigize koko ubuzima bwanyu bwo ku isi. Igihe abantu bakekaga ko isi ari umurambi ushashe, batinyaga kuja kure cyane mu nyanja ngo hatwato butava aho buhanantuka ku nkombe. Abantu bemeraga ko isi ishashe, babagaho bakurikije icyo cyemerwa. Brw6/309

Igihe Galilewo avuze ko isi ari umubumbe, yafashwe nk'uwemera ibitemewe, ariko imibonere ye y' 'ububumbe bw'isi' yashoboje abasare kurebesha isi amaso mashya, no kuja kuvumbura ikiri hakurya y'inyanja. Byasabye ko haba impinduka mu byemerwa byabo, kugira ngo ibyo bishoboke. Brw6/310

Namwe rero mumeze nka bo ku byerekeye aya **Mabaruwa**. Abantu bayasuzugura cyangwa bakayaha urwamenyo bameze nk'abemeraga ko isi ishashe, bagatinya ko bagwa hirya y'isi baramutse bagiye mu bwato bakagera kure cyane iburasirazuba cyangwa iburengerazuba bw'aho bari bazi. Impezamaso⁵⁵ zabo zari zifunganijwe cyane n'ibyemerwa bitari byo. Brw6/311

Nguko uko zifunganye na zo, impezamaso z'abantu bibwira ko isi ikomeye. Brw6/312

Uko bucya bukira, baritotomba bagashavuzwa n'ibyago byagwiririye isi, bibwira ko nta hantu umuntu yabihungira. Brw6/313

Ariko abantu bashobora gusingira no kwakirana urugwiro Ukuri kw'Ibonunumva ndimo mpereza isi, bameze nka babandi babonye ko byashobokaga gutembera ku nyanja nta mbibi, mu cyerekezo icyo ari cyo cyose, bapfa gusa kuba bafite ubushake bwo gukora urwo rugendo. Brw6/314

Rero, uko ibonunumva ryawe rihagaze, ni cyo ugomba kwitaho kurusha ibindi mu buzima bwawe ... si imibanire yawe, si imitungo yawe cyangwa umwanya ufite mu buzima. Wite ku ibonunumva ryawe, umugisha mu mfuruka zose z'ubuzima bwawe uzakurikira. Brw6/315

Ukoresheje ibonunumva, wigaburira wowe ubwawe urukundo n'ubuziramakaraza, ibyishimo n'ubwiza, n'ubwo waba utuye mu duhanda twa nyuma two mu kazarusenya. Brw6/316

Ibonunumva nk'iryo rizakuvana mu mihanda yo mu kazarusenya ushyirwe ahantu hakwiranye na wowe w'imbere. Bityo uzamuke uve aho hantu hadashimishije. Brw6/317

Uhereye kuri ibyo bibanza, wagombye kubasha kubona noneho ko ari wowe wenyine urema 'agaciro' k'isi yawe y'imbere, waba, mu by'inyuma, uri mu munyururu cyangwa

⁵⁵ Horizon (*)

utegeka ubwato bw'intambara! Kandi ushobora kungura ibigukikije, ubirasirizaho imbaraga z'ubuzima zigenza imitekerereze yawe. Brw6/318

Nanone kandi, **ibonunumva** ryawe ni ryo kirukuri cyawe – si umugabo cyangwa umugore, abana, inzu, ubusitani, imitungo, indangabushobozi, aho ukorera cyangwa inshuti. Kubera ko, umwanya uwo ari wo wose abantu bawe n'imitungo yawe bifite mu ibonunumva ryawe – mwiza cyangwa mubi – uwo 'mwanya' ugizwe gusa n'uko wowe ubibona. 'Ikirukuri' cy'abo bantu, nta n'umwe mu by'ukuri ukizi. Nta n'umwe ushobora kugera ku bwiza karemano bwihishe mu muntu ushushe nk'aho ari mubi. Ku rundi ruhande, nta wakeka irari cyangwa ibyifuzo byihishe mu muntu usa n'aho afite ubuntu. Brw6/319

Imibereho yawe ishingira ku ibonunumva ryawe. Ntabwo irema cyangwa ngo igene – ntishobora kurema cyangwa kugena ibisubizo mbonunumva byawe. Ni wowe 'muremyi' w'ibisubizo byawe. Ubwoko bw' ibyo urema bugengwa rwose n'imibonere, n'ibyemerwa byawe byimbitse kurusha ibindi ku byerekeye imibereho. Brw6/320

Byongeye kandi, aho ubishakiye, ushobora guhitamo kugenda usenya isi yawe y'imbere ya kera, kugira ngo wirememo ubwami burushijeho kuzira amakaraza, bwuje urukundo, umurego ngengabuzima n'ibyishimo bigenda byiyongera, n'ubwo 'ibyawe' by'inyuma – abantu cyangwa imitungo, bitahinduka. Ububasha nya-roho bw' 'ingizi y'ibonunumva ryawe', buzaraswa hanze, bucengere abantu, ibimera, amatafari, n'urwondo byo mu mihana igukikije. Hazabaho impinduka no gutera imbere bidasubirwaho ku bizaza byose aho mugera. Ni wo muhamagaro wanyu muri ubu buzima – cyangwa mu buri imbere – kugera kuri uko kwirema kuzuye kandi gusendereye. icyo gihe, muzashyira ikirenge mu nzira y'ubwizige⁵⁶, hanyuma mujye mbere buhoro buhoro mu guhinduka abagenga nyabo b'isi yanyu y'ibonunumva nyamuntu, ricengewe kandi rifashijwe n'**IBONUNUMVA NYA-MANA**. Brw6/321

Jyewe, Kristu, mbashishikarije iyi Baruwa. Nabahaye ibyangombwa byose bigenga irema, bizabashoboza kurenga jye-babona – umurinzi w'ubu-giti bwanyu – maze mugasubira mu **BUHUZAHOSE BW'UKUBA**, aho mukomoka by'ukuri. Mufite mu biganza byanyu ibikoresho ngombwa ngo mwinjire mu **Rukundo** rutagira ikigombero, **Ibyishimo, n'Ubwuzurizwe bwite**. Brw6/322

Mwibuke ko nigeze kuvuga ko nifuza byimazeyo iterambere ry'umutemberezi wa roho. Uko muzakomeza gukurikira inzira nabaciriye, hazabaho ibihe bizabahamiriza ko, koko, ndi kumwe namwe mu rugendo rwanyu. Muzabibona – muzakomeze ukubyemera kwanyu. Brw6/323

Mu bihe byose, ndabashyigikira mu Rukundo Nya-Mana, kuko ndi Urukundo Nya-Mana ruri ku murimo. Nimubyemere kandi muruhukire mu Ibonunumva ryanjye ribafubitse. Brw6/324

⁵⁶ Self-mastery (*)

URUTONDE RW'AMAGAMBO ASOBANUYE

p1

Imitekerereze ihanga (Positive thinking / pensée positive) : Gutekereza ibintu byiza gusa, ukirinda rwose gutekereza ibibi, kuko igitekerezo kirema kandi kigakurura ibisa na cyo.

Abacurabwenge (Metaphysicians/ métaphysiciens) : Abacengera ubumenyi hakurya y'ibifatika.

Jye-babona (Ego-drive/ ego) : Jye w'inyuma, ugaragara.

Nya-roho (Spiritual journey/ parcours spirituel) : Ikiranga roho, Urigendo rwa roho.

Ibyifuzo nyambibi (desires finite/ désirs finis-limités) : Ibyifuzo bigufi.

Ubwuzurizwe (Fulfilment/ Accomplissement) : Ukumva byose byujujwe.

P2

Imigi mburamutima (Vast soulless cities/ villes immenses sans âme): Imigi minini itarangwamo impuhwe.

P3

Mushyiguzi z'ibanze (Primal impulses/ Impulsions primitives) : Imbaraga z'ikubitiro.

Ikirukuri (Reality/la réalité) : icy'ukuri kiri inyuma y'ibigaragara.

Kumvwa nyagatekerezezi(intellectually understood /comprises intellectuellement) : Kumvikana mu bwenge bwa muntu, muri gatekerezezi ye.

Gusongerwa bubamutima (appreciated Emotionally/ appréciées émotionnellement) : gushimwa n'umutima wa muntu.

Intangakarande (Chromosomes/ Chromosomes : uduce tuba mu ntanga dushinzwe guhererekanya ibiranga ikiremwa kirimo cyibyara.

Indemangingo kamere (genetic DNA/ l'ADN génétique) : Urunana rw'indemangingo z'ibanze.

Ubunyabifatika (Physicality/état physique) : imimerere igaragara, ifatika.

P4

Ubu-giti (Individuality/individualité) : igituma umuntu aba we ku giti cyo.

Ingirangingo ibona-inumva (conscious cell / cellule consciente) : Ingirangingo ifite urumuri rw'ubwenge rutuma ibona kandi ikwumva ibyo ibona nk'ubihagzeho.

Inkurikirane (Frequencies / fréquences) : Intitsa

Amashanyarazi-rukuruzi (Electro-magnetism/électromagnétisme) : Ingufurukuruzi zigendana n'amashanyarazi.

Rikora bubonunumva (works Consciously/ travaille consciemment) : rikora mu buryo butuma ribona kandi rikumva ibyo ribona.

P5

Bavukanwa (Instincts/ instincts): Kimeza; Kamere.

Ubumenyi cyimeza (Primeval knowledge/ connaissance primitive) : Ubumenyi bw'ibanze

Ubube (Beingness / état) : ikigize kuba (ijambo ryubakiye ku nshinga kuba).

Ububura kintu (Nothingness/Néant) : Ubusa, icyuho.

P6

Kiburabonunumva (Unconscious/’inconscient) : ahatagera urumuri rw’ibonunumva.
Munsi y’ibonunumva(Sub-conscious mind/subconscient): Gatekerezi ibanziriza ibonunumva.

Butabonunumva (Unconsciously/ inconsciemment) : ku buryo budahagazweho.

Umusanamitima (Psychologist/ psychologue) : Muganga w’imyitwarire, w’imyifatire.

P7

Ubutavogerwa (Privacy /intimité) : Akumuntu.

Ubwizige (Self-control/ Maîtrise de soi) : Ukwitegeka.

Ishema-gatozi (Personal validity/ valeur personnelle) : Agaciro umuntu yiha ku giti cye

P8-

Igihe nya-Mana (Divine Moment/ Moment Divin) : igihe kifitemo ubumana.

P9

Impagararo (Attitude / le style) : Imyifatire.

Imbumbabyose&Urukomatanyo (Allness & Wholeness/ Totalite & Entierete) : Igiteranyo cya byose.

P11

Imisubirize (Reactions/Réactions) : Uburyo bwo kwitwara imbere y’ikibaye.

P13

Isabagira (Ecstasy/ l’extase) : Ukujyanwa

P14

Ibitekerezo mbonunumva (conscious ideas /idées conscientes) : Ibitekerezo nyirabyo ahagazeho

Urwubati-rwa-roho (psyche / psyche) : Igifubiko cya roho.

P15

Ibyumviro (Senses/ sens) : imyanya itanu y’umubiri iwufasha kubona no kumva ibiwukikije (amaso, amatwi, amazuru, ururimi, uruhu).

Iboneza-bitekerezo (Positive thinking/ pensée positive) : imitekerereze nnyabuzima

P18

Impamvu itazwi : (Motivating factor x/ Facteur motivant) : Impamvu nyirabayazana

P21

Impumeko (Inspiration/ inspiration) : Iyongorerwa- Imurikirwa.

P23

Ikirukuri Nya-Mana (Divine Reality/ Réalité Divine) : icyo Imana iri cyo mu by’ukuri.

P24

Ikigamizwa (Intention/ Intention) : Ikigamijwe kugerwaho.

P27

Ibisanubwenge (Rationalisations / rationalisations) : Ibisobanuro bisa n'ibihwitse nyamara bitari byo.

P28

Ingizi y'ibyemerwa (Fabric of belief/ tissu de croyances) : icyo ibyemerwa bikoze.

P34

Imbariro z'ubusumba-abandi nya-dini (echelons of religious superiority/ échelons supérieurs de la vie religieuse. : Imbariro ku rwego rw'ubusumbane bw'amadini.

Inshoza(Concept/Concept).: Intekerezo.

P35

Kugira ngo bagorore Imana' (To appease 'God' / Pour apaiser Dieu): Kugira ngo banezereze Imana yisubireho ireke imigambi yari ibafitiye yo kubahana.

P37

Ingizi (Ifatizo/Fabric): Tissu

Impezamaso (Horizon/ Horizon) : Aho ijuru rikora ku butaka.

P39

Ubwizige (self-mastery/ maîtrise de soi) : Ubushobozi bwo kwitegeka.